# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-36 | TARIKI 21 - 27 UKWAKIRA | 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw





AMAKURU
Nta muntu dusaba kuduha uburenganzira bwo kubaho- Perezida Kagame

2

AMAKURU
Kigali yungutse ishuri ryigisha abakanika telefoni

8

AMAKURU
Abarimu bo mu Rwanda batangiye guhugurwa ku gukoresha AI

12

MUNTARA
Musanze: Abofisiye 75 basoje amasomo yo kuyobora abandi

19


## Undi murwanyi kabuhariwe ya FDLR yafatiwe muri RDC

NTAWITONDA Jean Claude

***Undi murwanyi kabuhariwe w'umutwe w'iterabwoba wa FDLR yafatiwe mu mirwano mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), impuguke muri Politiki y'Akarere zikaba zikomeje gushimangira ko icyo ari ikindi gihamya cy'impungenge z'u Rwanda ku mutekano warwo.***

Amakuru y'uwo murwanyi uzwi ku izina rya Yoweri wamamaye nka Tokyo, yatangiye gukwirakwira ku mbuga nkoranyambaga ku wa Gatanu tariki ya 24 Ukwakira 2025, aho bivugwa ko yafashwe n'abarwanyi ba AFC/M23.

Visi Guverineri wa Kivu y'Amajyaruguru washyizweho n'umutwe wa AFC/M23 Willy Manzi, yemeje

KOMEZA KU RUP.3

# Hari amarange asigwa mu nzu mu Rwanda yagaragayemo uburozi



Ni ngombwa kugenzura amarange yo gusiga mu nzu niba atarimo uburozi bw'ikinyabutabire cya 'lead'

KAMALIZA Agnes

***Inzego zitandukanye zirimo ibigo bya Leta n'Imiryango itari iya Leta biraburira Abanyarwanda kwitondera amarangi bagura yo gusiga mu nzu n'ahandi kuko hari abamo uburozi buboneka mu kinyabutabire cya 'lead' gishobora kugira ingaruka zikomeye ku buzima.***

Icyo kinyabutabire cya 'lead' gikoreshwa cyane mu gukora amarangi y'amavuta, haba mu kuyumisha vuba no gutuma ashashagirana, kiboneka mu nganda z'ibyuma, mu bicuruzwa birimo ibikinisho by'abana, ibikomoka kuri peteroli n'ahandi.

Uburozi bwacyo bwica by'umwihariko abagore batwite n'abana, bugatera indwara zirimo kugwingira k'ubwonko, kanseri, umutima, umuvuduko w'amaraso, kwangirika kw'imitsi itwara amaraso, impyiko, guhuma, kwibagirwa n'izindi.

Inyigo ya 2023, y'Umuryango ubungabunga ibidukikije ukanarwanya ibinyabutabire

KOMEZA KU RUP.3

NYIRANEZA Judith

# Nta muntu dusaba kuduha uburenganzira bwo kubaho- Perezida Kagame

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yavuze ko nta muntu ukwiye kuba agena uko Abanyarwanda bakwiye kuba babaho, kuko ubwabo mu bushobozi bafite bakora ibyo bashoboye.***

Ni ubutumwa yatanze ku wa Gatanu tariki 24 Ukwakira, nyuma yo kwakira indahiro z'Abasenateri batandatu barahiriye inshingano baherutse guhabwa, barimo bane bashyizweho na Perezida Paul Kagame ku ya 21 Ukwakira n'abandi 2 bashyizweho n'Ihuriro Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda ku ya 14 Ukwakira 2025.

Abasenateri bashya barahiriye inshingano ni Prof Dusingizemungu Jean Pierre, Uwizeyimana Evode, Dr Valentine Uwamariya, Alfred Gasana, Dr Frank Habineza na Nkubana Alphonse.


Perezida Kagame yibukije Abanyarwanda ko nta muntu ukwiye kubagenera uko babaho.

Yagize ati: "Rwose ubu ndabivuga, nta muntu dusaba kuduha uburenganzira bwo kubaho, ntawe dukwiriye gusaba uburenganzira bwo kubaho, uko dukwiye kuba turiho."

Yongeyeho ati: "Abo bantu bakora ibyo ni ibiremwa nkatwe. Nta kirenwa kibereyeho kurema abandi bantu cyangwa kubabaza uko babayeho iyo ni yo politiki yacu y'u Rwanda, abatabyumva ibyo bibazo byanyu na byo tuzahangana nabyo."

Yabibukije ko inshingano zabo n'imyanzuro bafata bagomba kubihuza n'ibyo Abanyarwanda bakeneye.

Ati: "[….] rero guhuza intego z'Igihugu z'Igihe kirekire n'ubuzima bwa buri munsi bw'Abanyarwanda, byari uguhuza intego n'ubuzima bwa buri munsi bw'Abanyarwanda ni ugukora ku buryo ibyemezo bifatwa bijyana n'ibyo Abanyarwanda bakeneye kandi bigatanga ibisubizo ku bibazo Abanyarwanda bafite."



Perezida Paul Kagame yibukije Abasenateri 6 barahiriye inshingano ko bagomba guharanira kuzuza inshingano

Umukuru w'Igihugu yibukije abarahiye ko bafite inshingano yo gukoresha ubushobozi buhari bugakoreshwa neza.

Ati: "Ubundi urebye, ibyo Abanyarwanda bifuza ni byinshi cyane ndetse birenze n'amikoro yacu, ariko ni byo bitwibutsa ko no mu mikoro make tugomba kuyakoresha neza, kugira ngo agere ku byo dushobora bishingiye kuri ibyo bike dufite.

Inshingano Sena iba ifite ntizishobora kwirengagizwa ahubwo zikwiye gukoreshwa neza kugira ngo bike dufite bigere ku Banyarwanda benshi uko bishoboka, tukabikora ku buryo atari nk'ibintu bisanzwe."

Perezida yibukije ko abo Basenateri ko ibikorwa bigomba gukorerwa ku gihe.

Ati: "Birashaka ko Abasenateri muri ubu buryo bagomba gutanga umurongo ugaraga uburyo bagomba gutanga umurongo w'ibyihutirwa mukanagenzura ishyirwa mu bukorwa ry'ibyongibyo kandi mukanaharanira ko bikorwa mu gihe kiba gikwiriye."

Yagaragaje kandi ko ibikorwa bitagomba guhera mu mpapuro, gusa, ahubwo bigomba gushyirwa mu bikorwa.

Ati: "Rero politiki yacu, kenshi iba igaragara neza mu nyandiko, mu mpapuro, ni ikintu cy'ibanze, cya ngombwa ni uko ibyo byiza byanditswe bishyirwa mu bikorwa ntibihere mu mpapuro gusa, ntibihere mu nyadiko."

Perezida Kagame kandi yagarutse ku kuzuza inshingano bahereye ku byo bafite, utazujuje akabibazwa.

Ati: "Kuri twebwe kubera ubwo bushake dufite ni ukwihutira gukora ibintu bizima, abatujuje inshingano zabo bakwiye kubibazwa, ibisubizo bigatangwa kugira ngo amakosa aho yakozwe atasubiramo."

Yongeyeho ati: "Inshingano yanyu murayumva ndetse harimo inshingano yo kwibutsa buri wese, twese icyo dushinzwe no kugisobanura mu gihe kitagaragaye ko kiri mu buryo, mukwiye kubikoresha rero uko bimeze, mukwiye kubikoresha uko bimeze, mutyo, ni bwo muzaba mugiriye akamaro Igihugu cyacu.

Umukuru w'Igihugu yanagarutse ku bibazo u Rwanda ruhura nabyo, ariko ko Abanyarwanda bafite ubushake bwo kwishakamo imbaraga bakabikemura.

Ati: "Tukamenya Igihugu cyacu aho kiva naho kijya, ibyo kinyuramo byinshi biba bigoye, ndetse ibibazo hari ibiduturukamo, hari ibituruka hanze.

U Rwanda niyo umuturanyi yakoze amakosa, yateye ibibazo inkoni zikubitwa u Rwanda, ni twe tugomba kubisubiza. […] Aho kugira ngo abantu bicare baganye, batabaze, abantu bishakamo imbaraga zo guhangana n'ibyongibyo."

Yongeyeho ati: "Akarengane ku Rwanda bisanzwe mu mateka tugenda duhura nabyo, ntabwo ari twe tubitera ariko nitwe tugomba guhangana nabyo, kurwana nabyo ntibitubuze inzira."

Abarahiye yabifurije imirimo myiza no kuzuza inshingano uko bikwiye bakagirira akamaro Igihugu.

Sena y'u Rwanda igizwe n'Abasenateri 26, barimo ab'igitsina gore 13 n'ab'igitsina gabo 13.





# Hari amarangi asigwa mu nzu mu Rwanda yagaragayemo uburozi

IBIKURIKIRA URUP.1

bibyangiza, ARECO Rwanda Nziza igaragaza ko mu bushakakashatsi bakoreye ku marangi make mu nganda 13, hari ayagaragayemo icyo kinyabutabire ku rwego rwo hejuru haba ku yakorerwa mu Rwanda n'aturuka hanze yarwo.

ARECO Rwanda Nziza igaragaza ko ibipimo byashyizweho n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS) bigaragaza ko nibura 'Lead' yo mu irangi ikwiye kuba ingana na PPM 90, ariko ayo marangi yakoreweho inyigo yasanzwemo PPM 2000.

Umukozi muri ARECO Rwanda Nziza Karemera Vincent, avuga ko Abanyarwanda bakwiye kwitondera amarangi mbere yo kugura bakabanza bakareba ku tudobo aba arimo ibiyagize.

Ati: "Kugira ngo kigabanyuke ni ukugenzura ibikoreshwa mu gukora ayo marangi no kugabanya ibyakoreshwa bitera icyo kinyabutabire no gukangurira abantu bakamenya ububi bwayo."

Bamwe mu bakozi b'inganda zikora amarangi bashimangira ko bakoresheje icyo kinyabutabire igihe kirekire ariko kuva bamenya ububi bwacyo bashatse ibindi bigisimbura.

Umukozi ushinzwe iby'umusaruro (Production Officer) mu ruganda rw'amarangi Ameki Color, Kalisa Callixte, avuga ko hari ibyo bakoreshaga birimo lead ariko bagiye babisimbuza.

Ati: "Hari ibikoresho twakoreshaga birimo lead ariko twagiye tubona abandi bashoramari turazisimbuza. Lead yakoze igihe kinini nko mu marangi yo mu muhanda gusa ubu turi gukoresha ibindi byayisimbuye nka 'Mixed Dryers' ariko mbere twakoreshaga uruvange rwa 'Cobart irimo Lead na Calcium' ariko ubu turi gukoresha 'Zirconium' kandi irakora neza nta kibazo."

Inzego za Leta zigaragaza ko hakwiye gufatwa ingamba zikomeye zigamije kurwanya uburozi bw'ikinyabutabire cya 'lead' kuko cyica ubuzima n'ibidukikije.

Umukozi Ushinzwe Ubugenzuzi bw'Ubwiza (Quality Inspector) mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Ihiganwa mu Bucuruzi no Kurengera Umuguzi (RICA), Murenzi John, avuga ko icyo kinyabutabire cyandura vuba kuko hari ubwo cyanduza n'ibikoresho bishyirwa aho icyo kinyabutabire cyasizwe mu irangi.

Murenzi yizeza ko ibikoresho byose byinjira mu gihugu bipimwa ariko hakenewe ubufatanye bw'inzego zose kugira ngo icyo kinyabutabire kirwanywe burundu.

Ati: "Dutangira kugenzura mu ikorwa ariko ibyo biba byanahereye bikinjira ku mipaka ni byo tugenzura kenshi kandi nubwo OMS yashyizeho ibipimo bya PPM 90 tugize amahirwe byagera no kuri PPM 60 dufatanyije."

Umukozi mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Kurengera Ibidukikije (REMA) Ngirabakunzi Octavier, avuga ko icyo kinyabutabire cy'uburozi cyugarije ubuzima ariko ingamba zafashwe zirimo gukomeza kwigisha ububi bwacyo, gukaza amategeko no gukorana n'izindi nzego hakorwa ubugenzuzi mu nganda n'ibindi.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuziranenge (RSB) na cyo gisaba inganda zikora amarangi gukurikiza amabwiriza agenga ubuziranenge.

Kivuga kandi ko hari Komite Tekiniki yihariye ishyiraho amabwiriza ku marangi, ikorana n'izindi ku rwego rw'Akarere, muri Afurika ndetse no ku rwego Mpuzamahanga.

OMS igaragaza ko umwana umwe muri batatu agirwaho ingaruka n'uburozi bwa 'lead', mu gihe abarenga miliyoni 1.5 bapfa buri mwaka bazize ingaruka zayo.

# Undi murwanyi kabuhariwe ya FDLR yafatiwe muri RDC

IBIKURIKIRA URUP.1

ayo makuru ashimangira ko iyo ndwanyi yafatiwe ku rugamba i Masisi.

Yifashishije imbuga nkoranyambaga, Willy Manzi yagize ati: "Undi murwanyi kabuhariwe yafashwe, bikaba ari ikindi gihombo kuri Leta ya Kinshasa. Tokyo ni umugabo w'umugome. Afatanyije n'abandi barimo Jean-Marie wo mu mutwe wa Nyatura, Tiger na Ignace Dunia, uyu mugabo yakoze ibyaha biteye ubwoba birimo gufata ku ngufu, ubwicanyi, no gutwika inzu zitagira ingano. Kuba yafashwe ni umuraba ukomeye ku buyobozi bwa FDLR."

Bivugwa ko Yoweri akomoka mu yahoze ari Perefegitura ya Kibuye, ubu ni mu Karere ka Karongi, Intara y'Iburengerazuba.

Ni umwe mu barwanyi ba FDLR bamaze imyaka myinshi bidegembya banakora ibikorwa by'ubunyamaswa mu Burasirazuba bwa Congo, bagaba ibitero ku Rwanda no guhungabanya umutekano mu Karere k'Ibiyaga Bigari.



Yoweri Alias Tokyo, ashinjwa ibyaha ndengakamere yakoreye mu Burasirazuba bwa RDC

FDLR we na bagenzi be barwanira ni umutwe washinzwe n'abahunze u Rwanda nyuma yo gukora Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ukaba waraje ukurikira umutwe witwaga ALIR.

Nk'uko biheruka kugaragazwa na Guverinoma y'u Rwanda, abayobozi b'uyu mutwe baracyakora kandi bagiranye ubufatanye budasubirwaho n'indi mitwe y'abatifuriza ineza u Rwanda.

Ku wa 15 Ukwakira, Hatangajwe urutonde rw'abantu 25 bafatiwe ibihano barimo n'abayobozi ba FDLR nka Perezida wayo Lt Gen Gaston Iyamuremye wamamaye nka Victor Byiringiro na Maj Gen Pacifique 'Omega' Ntawunguka uyobora ishami ry'intambara rya FDLR (FDLR-FOCA).

Urugendo rwo guhashya uyu mutwe w'iterabwoba rwakomeje kubangamirwa n'imikoranire yawo n'abayobozi ba Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), by'umwihariko kuri ubu aho uyu mutwe urwanira hamwe n'ingabo za Leta mu rugamba zihanganyemo na AFC/M23.

Leta y'u Rwanda ivuga ko FDLR ari ikibazo gikomeye ku mutekano w'Igihugu, kuko udahwema kugaba ibitero bigamije guhungabanya umutekano w'Igihugu ndetse abawugize bakaba bari mu bakwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside mu Karere.

Ibitero bya FDLR byagize ingaruka zitandukanye ku Rwanda harimo no gutwara ubuzima bw'abaturage, aho igitero cyeruye cyahitanye abantu 14 mu Murenge wa Kinigi mu Karere ka Musanze mu mwaka wa 2018.

Mu mirwano bari bafatanyijemo na FARDC mu ntangiriro z'uyu mwaka yabashyamiranyije na M23 hafi y'umupaka w'u Rwanda, ibisasu byamishijwe ku butaka bw'u Rwanda bitwara ubuzima bw'abaturage ndetse n'ibikorwa remezo birahangirikira.

Ibyo bisasu byarashwe mu Rwanda ku wa 27 Mutarama 2025 byahitanye abagera kuri 16, bikomeretsa abandi 161 ndetse byangiza n'inzu zigera kuri 293.

Hejuru y'ibyo bibazo, u Rwanda rukomeje guharanira ko haboneka igisubizo kirambye binyuze mu biganiro bikomeje ku buhuza bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA), aho rwiteguye gukuraho ingamba z'ubwirinzi igihe FDLR izaba yamaze guhashywa burundu.

Mu mpera za Kamena, u Rwanda na RDC basinyanye amasezerano y'amahoro afungurira amayira ubufatanye bugamije gushyira iherezo ku bibazo biterwa na FDLR, gusa urugendo rwo gushyira mu bikorwa ayo masezerano ruracyagenda biguru ntege.

Mu ntangiriro z'iki cyumweru, abayobozi bahagarariye ibihugu byombi bahuriye i Washington DC bongera guhamya ukwiyemeza kwabo mu gushyira mu bikorwa ayo masezerano yitezweho kuba umusingi wo kwimakaza amahoro arambye mu Karere k'Ibiyaga Bigari, akanafungura amarembo mpuzamahanga y'ubufatanye mu by'ubukungu.

# Ingengabitekerezo ya Jenoside ntiganirwaho uko bikwiye- Dr Bizimana

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) Dr Bizimana Jean Damascene, yatangaje ko mu Rwanda byagaragaye ko hari aho ingengabitekerezo ya Jenoside itaganirwaho uko bikwiye, ahubwo usanga hari abayihunga.***



Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) Dr Bizimana Jean Damascene yagaragaje ko hataganirwa ku ngengabitekerezo ya Jenoside

Yagize ati: "Ingengabitekerezo ya Jenoside usanga itaganirwaho uko bikwiye abantu barayihunga, kandi Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yangije umuco n'indangaciro. Hari Akagari ushobora kujyamo ugasanga abakuru bahatuye nka 95% bakoze Jenoside; abo bantu se urumva bigisha iki abatoya niba bataganira ku kuri?"

Mu kiganiro yagiranye n'Abasenateri bagize Komisiyo y'Imibereho myiza n'Uburenganzira bwa Muntu kuri uyu wa Mbere tariki ya 20 Ukwakira 2025, Minisitiri Dr. Bizimana yavuze ko hafashwe ingamba ko abagiye kurangiza igihano cya Jenoside mbere ho ukwezi bigishwa indangagaciro za Kinyarwanda, n'uko babwiza ukuri imiryango yabo.

Ati: "Uko kwezi tukubonamo umusaruro wo kumva ko ubwo barangije igihano bakwiye no gutanga umusanzu wabo, bakagaragaza n'ububi bwacyo."

Dr. Bizimana yavuze hamaze guhugurwa ibyiciro 3 kandi kuva byahugurwa nta bahoze bafungiwe Jenoside bagihohotera abacitse ku icumu.

Yavuze kandi ko gahunda y'amatsinda y'ubumwe n'ubudaheranwa yashyizwe mu mihigo y'abakozi b'Uturere kugira ngo bazakomeze kubikurikirana.

Ati: "Mu gihe abarezi bazabasha kubisobanurira abana barera ku mashuri n'abandi bari mu mahuriro y'ubumwe n'ubwiyunge bakaganira ku mateka, bizafasha abantu kwirinda Jenoside. Birasaba kubanza kwiyakira, niba umuntu atarakira amateka ye n'iyo yagira imyaka 80 nta kintu yakwigisha abato."

Yakomeje avuga ko n'abayobozi bakuru bakwiye kwicara bakaganira ku mateka ya Jenoside, kuko byagaragaye ko hari abanga kuyigisha nyamara bayazi.

Yagize ati: "Abagize amatsinda y'ubumwe n'ubwiyunge, twarabandikiye turababwira ngo mwica ibintu hejuru. Muvuge inzitizi, turanabisobanura munatandukanye ibintu, ubumwe buhuriweho n'Abanyarwanda. Ubwiyunge burareba uwakoze ubwicanyi n'uwo yabukoreye.

Uwakoze Jenoside ni we vumva uburemere bw'ibyo yakoze, akabona kujya kwiyunga n'uwo yabikoreye."

Minisitiri Dr Bizimana yavuze ko abakoze Jenoside badakwiye kongera gukoresha ijambo ngo "abo twahemukiye" ahubwo ni abo biciye.

MINUBUMWE itangaza ko ikomeje ubukangurambaga mu gusobanurira abaturage aho Jenoside n'intambara y'abacengezi bitandukanira kuko byagaragaye ko hari ababyitiranya.

Iyo Minisiteri kandi ikomeza isobanura ko n'abantu bagize uruhare mu guhisha Abatutsi bahigwaga mu gihe cya Jenoside, bagatanga ubuhamya bufasha benshi.

Ati: "Ubu turimo gufata amashusho y'Abarinzi b'Igihango n'abandi bagatanga ubuhamya binyuze muri za filimi, zikamenyakanishwa, zikerekwa abanyeshuri, tukarushako kubimenyekanisha."


Senateri Prof. Dusingizemungu Jean Pierre yavuze ko kwigisha amateka ari umurimo ugoye, ariko avuga ko ibyiza byo kuyigisha byakorerwa mu mashuri, icyakora yanenze abayobozi b'amashuri baba badashaka gucukumbura ibiri mu mateka.

Ati: "Mu mashuri yacu harebwa uko abantu bafite icyo batanga, bashobora gutumira n'umuntu uzi amateka akaza mu ishuri, akayigisha."

Senateri Kanziza yavuze ko abageze mu za bukuru bakwiye gukomeza kwifashishwa mu kwigisha abato ibyabaye kandi bishingiye ku kuri.

Imibare ya MINUBUMWE igaragaza Igipimo cy'ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda cyagiye kizamuka buri mwaka aho ubushakashatsi bwakozwe muri 2010, igipimo cyari kuri 82.3%, muri 2015 kigera kuri 92.5%, naho muri 2020 kigera kuri 94.7%. Ni ukuvuga ubwiyongere bwa 12,4% mu gihe cy'imyaka 10.

Ni mu gihe igipimo cy'ubumwe n'ubwiyunge kuri ubu kinagaragaza ko 99% by'Abanyarwanda bashyize imbere ubunyarwanda bakanakomera ku ndangagaciro zibwimakaza, naho 94.6% basobanukiwe amateka Igihugu cyanyuzemo; mu gihe 97.1% bemeza ko babanye neza kandi bafatanya mu buzima bwabo bwa buri munsi.



Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, Dr. Vincent Biruta yitabiriye inama mpuzamahanga ya 5 yaberaga i Aswan mu Misiri anasura na Polisi

# Minisitiri Dr Biruta yasuye Ishuri rya Polisi ryo mu Misiri

KAYITARE Jean Paul

***Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, Dr. Vincent Biruta, witabiriye inama mpuzamahanga ya Gatanu yaberaga i Aswan mu Misiri kugeza tariki 20 Ukwakira, ku wa Kabiri yasuye ishuri rya Polisi yerekwa ubufatanye bushingiye ku mahugurwa hagati ya Polisi y'u Rwanda n'iya Misiri.***

Dr. Biruta, Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, ku wa Kabiri yanagiranye ibiganiro na mugenzi we w'icyo Gihugu, Maj. Gen. Mahmoud Tawfik.

Baganiriye ku kongerera imbaraga ubufatanye mu by'umutekano, n'iyubahirizwa ry'amategeko hagati y'ibihugu byombi.

Ubutumwa bw'Ambasade y'u Rwanda mu Misiri buri ku rubuga rwa X, bugira buti: "Minisitiri Dr Biruta yasuye Ishuri rya Polisi ryo mu Misiri [Egypt Police Academy], aho yeretswe ubufatanye busanzweho hagati ya Polisi y'u Rwanda n'iya Misiri mu bijyanye n'amahugurwa."

Minisitiri Dr Biruta yasuye ishuri rya Polisi ryo mu Misiri mu gihe tariki 15 Ukwakira, Abapolisi b'u Rwanda barindwi bo ku rwego rwa ofisiye basoje amahugurwa atandukanye yaberaga muri icyo gihugu.

Ni ibyiciro bine by'amahugurwa yaberaga mu Ishuri rikuru rya Polisi ya Misiri riherereye mu murwa mukuru Cairo mu gihe cy'ibyumweru umunani.

Yari amahugurwa arebana n'Uburenganzira bwa Muntu n'imikoranire ya Polisi n'abaturage mu gukumira ibyaha, ayo guhangana n'ibibazo by'umutekano, ajyanye no guhangana n'iterabwoba ku rwego mpuzamahanga ndetse n'icyiciro cy'amahugurwa ajyanye no kuzamura urwego mu by'ubuyobozi.

U Rwanda na Misiri bisanzwe bifitanye amasezerano atandukanye y'ubufatanye mu nzego zirimo tekiniki, iterambere ry'inganda n'ubucuruzi, ubuhinzi, uburezi, urubyiruko, ubuzima, ubutwererane mu bya gisirikare n'ibindi.





# Twe kumva ko hari abandi bafite inshingano yo kurinda umutekano wa Afurika- Perezida Kagame




Perezida Paul Kagame yibukije abitabiriye inama ya LFCS ko ibibazo by'umutekano wa Afurika bizakemurwa nayo

KAMALIZA Agnes

***Perezida Paul Kagame yatangaje ko nubwo Afurika iri ku isonga ku Isi mu kugarizwa n'ibibazo by'umutekano muke ariko nta bantu bafite inshingano n'umutwaro wo kuyicungira umutekano uretse yo ubwayo.***

Yavuze ko Afurika ikwiye kwikemurira ibibazo cyane ko nta na kimwe mu byo ihanganye nabyo kirenze ubushobozi bwayo.

Ni ibyagarutsweho ku wa 21 Ukwakira 2025, ubwo Perezida Kagame yatangizaga inama Mpuzamahanga ya kabiri y'iminsi ibiri (20-22), y'Abagaba b'Ingabo zirwanira ku Butaka baturutse mu bihugu bitandukanye bya Afurika (LFCS).

Ni inama ihurije hamwe Abagaba Bakuru b'Ingabo zirwanira ku Butaka bo mu bihugu 19, inzobere mu bya gisirikare, abashakashatsi, n'abandi bafatanyabikorwa b'amahoro n'umutekano ku rwego mpuzamahanga.

Perezida Kagame yabibukije ko ibibazo by'umutekano Afurika ihanganye nabyo byose ishoboye kubyikemurira, kandi ko nta nshingano amahanga afite yo kwikorera uwo mutwaro.

Ati: "Twe kumva ko abandi bazikorera umutwaro n'inshingano zo gucunga umutekano wa Afurika. Nta bibazo duhanganye nabyo birenze ubushobozi bwacu ku buryo tutabyikemurira."

Perezida Kagame yavuze ko bisaba ubufatanye n'ingamba zihuriweho cyane ko byagaragaye ko bishoboka aho Ingabo z'u Rwanda, (RDF) ziri kubungabunga amahoro n'umutekano mu bihugu by'akarere no ku mugabane.

Perezida Kagame yagaragaje kandi ko kuba iyo nama yabahurije hamwe bigaragaza, ukwiyemeza, imikoranire, kunga ubumwe n'ubushobozi, kureba amahirwe ahari no kwishakamo ubushobozi hagamijwe amahoro no gushakira umuti ibibazo by'umutekano.

Yagaragaje ko ubunyangamugayo, umuvuduko no gukorera mu mucyo kw'Ingabo zirwanira ku butaka ari byo bigena intsinzi cyangwa gutsindwa kw'izo ngabo ndetse ko ari ibintu bigendana kandi byuzuzanya kugira ngo intego ziyemeje zigerweho.

Perezida Kagame yabibukije ko ingabo zirwanira ku butaka zibana bya hafi n'abaturage avuga ko inshingano bafite ari ukurinda no kubungabunga umutekano wabo, kandi ko ikinyabupfura n'ubunyamwuga babagaragariza ari byo bisenya cyangwa bikubaka icyizere babafitiye.

Yagize ati: "Ibyo mukora byose bigomba kurinda no kubungabunga umutekano n'imibereho myiza yabo. Ikinyabupfura n'ubunyamwuga mubagaragariza bishobora gusenya cyangwa kubaka icyizere babagirira."

Yabibukije ko imbaraga zabo zikwiye gushingira ku gukorera hamwe cyane ko uburyo bw'ibitero bugenda buhinduka bitewe n'ibihe by'ikoranabuhanga ryihuta aho ibitero by'ikoranabuhanga n'amakuru y'impuha bishobora guhungabanya ibihugu.

Iyi nama ikaba yitabiriwe n'Abagaba b'Ingabo zirwanira kubutaka baturuka mu bihugu 19 birimo; u Burundi, u Bufaransa, Benin, Nigeria, Tchad, Gambia, Kenya, Malawi, Mortania, Uganda, Guinea, Jordan, Morrocco, Sudani y'Epfo n'ibindi bitandukanye bihagarariwe.

# Bazakomeza gukorera igihugu batiganda - Intero y'Abasenateri bashyizweho na Perezida Kagame

KAYITARE Jean Paul

***Abasenateri bane barimo Prof. Dusingizemungu Jean Pierre, Dr. Uwamariya Valentine, Gasana Alfred na Uwizeyimana Evode bashyizweho na Perezida wa Repubulika, Paul Kagame, babinyujije ku mbuga nkoranyambaga, bashimira Umukuru w'Igihugu wabahaye inshingano, bagaragaza ko intego ari ugukomeza gukorera igihugu batiganda.***

Mu Basenateri 26 bagize Sena y'u Rwanda, harimo umunani bashyirwaho na Perezida wa Repubulika. Bahabwa manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe.

Dr. Uwamariya Valentine wakoreye igihugu mu nzego zitandukanye, ubu akaba yagizwe Umusenateri, avuga ko icyizere akomeje kugirirwa ari igihango atazigera atatira.

Akomeza agira ati: "Nzakomeza gukorera Igihugu n'Abanyarwanda ntiganda mu nshingano nshya z'ubusenateri."

Prof. Dusingizemungu Jean Pierre na we ashima kuba yongeye kugirirwa icyizere n'Umukuru w'Igihugu, Paul Kagame, akongererwa manda nk'Umusenateri.

Ati: "Mpigiye gukorana umurava, ubunyangamugayo n'ubwitange kugira ngo nuzuze inshingano zanjye."

Alfred Gasana na we wagizwe



Abasenateri 4 baherutse gushyirwaho bashimiye Perezida Paul Kagame

Umusenateri, yashimye icyizere yagiriwe avuga ko azakorera igihugu atiganda.

Abinyujije ku rubuga rwa X, yagize ati: "Mpigiye gukorera igihugu cyanjye n'ubwitange, nyobowe n'ubuyobozi bwanyu bw'intangarugero."

Evode Uwizeyimana wongerewe manda nk'Umusenateri yijeje kuzakorana ubwitange inshingano yahawe nyuma yo kongerwa manda.

Ati: "Niyemeje gukorana ubwitange no kudatezuka ku ruhare rwo gukomeza guteza imbere u Rwanda."

Mu Basenateri 26 bagize Sena y'u Rwanda, harimo umunani bashyirwaho na Perezida wa Repubulika. Bahabwa manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe.

Prof. Dusingizemungu Jean Pierre na Uwizeyimana Evode, Perezida Kagame yongeye kubahitamo kugira ngo bakomeze manda ya kabiri.

# MINUBUMWE isaba Abagororwa kwirinda icyahungabanya Ubumwe bw’Abanyarwanda

KAYITARE Jean Paul

***Minisiteri y’Ubumwe bw’Abanyarwanda n’InshinganoMbonera-gihugu, MINUBUMWE, isaba abagororwa kwirinda icyo ari cyose cyatuma baba intandaro y’icyahungabanya ubumwe n’Ubudaheranwa bw’Abanyarwanda.***

Byagarutsweho ku wa Gatatu tariki 22 Ukwakira 2025, ubwo hatangizwaga amahugurwa ku kwimakaza ubumwe n’ubudaheranwa, agenewe abagororwa bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi bitegura kurangiza ibihano.

Umuyobozi Nshingwabikorwa ushinzwe Ubumwe bw’Abanyarwanda n’Ubudaheranwa, Marie Alice Uwera Kayumba, yasabye abagororwa bari guhugurwa guharanira gutanga umusanzu wabo mu gukomeza kubaka ubumwe n’ubudahenwa.

Ni amahugurwa yitabiriwe n’abagororwa 223 barimo abagore 50 n’abagabo 173 barimo guhugurirwa mu Igororero rya Nyamagabe, akazasozwa ku wa 14 Ugushyingo 2025.



**Abagororwa batangiye amahugurwa, basabwe kwirinda icyasenya ubumwe n’ubudaheranwa bw’Abanyarwanda**

Itangizwa ry’amahugurwa y’Abagororwa, ryakurikiwe na DCG Rose Muhisoni, Komiseri Mukuru Wungirije w’Urwego rw’u Rwanda rushinzwe Igorora, RCS.

Abagororwa basabwe gukurikira impanuro bazahabwa kuko zizabafasha kumva neza uruhare rwabo mu kongera kubana neza n’abandi.

Atangiza aya mahugurwa, yagize ati: “Turabasa kwirinda kuba intandaro y’icyahungabanya Ubumwe n’Ubudaheranwa bw’Abanyarwanda, ahubwo mugaharanira gutanga umusanzu wanyu mu gukomeza kubwubaka.”

MINUBUMWE igaragaza ko impanuro bazahabwa zizabafasha kumva neza uruhare rwabo mu kongera kubana neza n’abandi, kwirinda ivangura, amacakubiri n’ingengabitekerezo ya Jenoside; gusobanukirwa amateka y’igihugu no kumva neza ingaruka za Jenoside, yaba kuri bo, ku miryango yabo no ku bayirokotse Jenoside n’Igihugu muri rusange.

Alice Kayumba Uwera, yavuze ko inyigisho zitangwa zifasha abasoje ibihano kurenga ipfunwe baterwa n’ibyaha bakoze, kubohoka no kwisanzura mu muryango bakomerejemo ubuzima, gusaba imbabazi, no gutanga amakuru ku hakiri imibiri y’Abatutsi bishwe itarashyingurwa mu cyubahiro, no kwirinda isubiracyaha.

Akomeza agira ati: “Aya mahugurwa agamije gutegura abo bagororwa kwisanga mu muryango nyarwanda no kubana neza n’abandi, kongera kuba Abanyarwanda bakunda igihugu cyabo, babumbatira ubumwe n’ubudaheranwa bw’Abanyarwanda, no kubarinda ibyaha n’isubiracyaha.”

Imyaka 31 irashize Jenoside yakorewe abatutsi ihagaritswe n’ingabo za RPA. Abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi nyuma yaho barakurikiranywe ndetse abahamwe n’ibyaha barafungwa.

Mu 2002, Guverinoma y’u Rwanda yatangiye gahunda yo gutanga imbabazi no kuburanisha abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, hashyirwaho Inkiko gacaca zanatanze umusaruro ukomeye kuko zaburanishije imanza zirenga miliyoni ebyiri kugera mu 2012.

Ababuranaga bakemera ibyo bakoze ndetse bakanabisabira imbabazi barababariwe abandi bahabwa ibihano bihwanye n’ibyo bakoze birimo gufungwa, imirimo nsimburagifungo n’ibindi bitandukanye.

Icyakoze abafungiye icyaha cya Jenoside n’abandi baba bari mu magororero atandukanye mu Rwanda, bashyiriweho gahunda zo kugorora zirimo kubigisha ubumwe n’ubwiyunge, gahunda ya Ndi Umunyarwanda n’izindi.

# U Rwanda na RDC byiyemeje gukurikirana urugendo rwo kurandura FDLR

NTAWITONDA Jean Claude

***Abahagarariye Guverinoma y’u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bakomeje guharanira gushyira mu bikorwa ibikubiye mu masezerano y’amahoro yashyizweho umukono ku wa 27 Kamena 2025, bakaba bongeye guhura muri iki cyumweru barebera hamwe uko byakorwa n’icyo bisaba.***

Nk’uko byatangajwe mu itangazo ryashyizwe ahagaragara na Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ibihugu byombi byashyizeho ibikorwa byihariye bigamije kurandura burundu umutwe w’iterabwoba wa FDLR bizaganisha ku gukuraho ingamba z’ubwirinzi z’u Rwanda.

Ni umwe mu myanzuro y’inama yahuje amatsinda ahagarariye u Rwanda na RDC ndetse n’abahagarariye ibihugu by’abahuza ari byo USA, Qatar n’Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU).

Iyo nama y’Urwego ruhuriweho rwashyiriweho guhuza ibikorwa by’umutekano (JSCM) yateranye ku wa 21 no ku wa 22 i Washington DC, yagaragayemo kongera kwiyemeza gukurikiza Umurongo w’ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y’ibikorwa bya gisirikare (OPORD).

Uwo murongo washyiriweho gushyira mu bikorwa Gahunda y’Ibikorwa bya Gisirikare (CONOPS) yaganiriweho mu nama zabanje ndetse ikananozwa na Komisiyo Ihuriweho y’Ubugenzuzi bw’Ibikorwa (JOC) ku wa 1 Ukwakira 2025.

Abitabiriye basesenguye intambwe imaze guterwa uhereye ku nama ya JSCM yo ku wa 17-18 Nzeri, ndetse n’iyahuje komite ya JOC mu ntangiriro z’Ukwakira.

Mu byibanzweho harimo kureba imbaraga zashyizwe mu cyiciro cya mbere cyo gushyira mu bikorwa gahunda y’ibikorwa bya gisirikare cyibanze cyane ku myiteguro ikorwa bonyuze mu gusesengura imiterere y’ikibazo no guhererekanya amakuru.

Bishingiye ku musaruro w’ubwo busesenguzi no guhanahana amakuru, impande bireba zahuje ibikorwa byihariye bigamije gushyira umusingi ku rugendo rwo kurandura umutwe w’iterabwoba wa FDLR no gukuraho ingamba z’ubwirinzi z’u Rwanda.

Umutwe w’iterabwoba wa FDLR ubonwa nk’umuzi w’ibibazo by’umutekano muke wazahaje Uburasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo n’Akarere k’Ibiyaga Bigari muri rusange.

Leta Zunze Ubumwe za Amerika zatangaje ko abagize JSCM biyemeje gukurikirana intambwe y’ishyirwa mu bikorwa ry’urwo rugendo ndetse no gukemura imbogamizi.

Inama ya kane yemejwe ko izaterana kubwa 19 no ku wa 20 Ugushyingo 2025, Guverinoma y’u Rwanda n’iya RDC zikaba zashimiye USA, Qatar, na AU bikomeje gushyigikira no koroshya urugendo rwo guharanira amahoro n’umutekano birambye mu Karere k’Ibiyaga Bigari.

Inzego zose zagaragaje ko zikomeje kwiyemeza gukora ibishoboka byose mu guteza imbere amahoro n’umutekano birambye mu Burasirazuba bwa RDC no mu Karere k’Ibiyaga Bigari.


**Abahagarariye Guverinoma y’u Rwanda n’iya RDC bakomeje guharanira gushyira mu bikorwa ibikubiye mu masezerano y’amahoro ya Washington**





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry’Ibanze

## *Kwirengagiza amahame y’ubuziranenge ni ukwiyahura*

Ni kenshi twagiye twumva ibicuruzwa bimenyerewe mu Rwanda bihagarikwa bigakurura impaka, kubera ko abantu babwirwa ko ibyo bicuruzwa byahagaritswe bitujuje ubuziranenge kandi bishobora kubagiraho ingaruka kandi ntazo baribonera ubwabo.

Mu cyumweru gishize, ibicuruzwa by’Uruganda Salama byakuwe ku isoko ndetse abacuruzi babifite basabwa kureka gukomeza kubikwirakwiza.

Biroroha cyane ko igicuruzwa gishobora kugera ku isoko nyiracyo yaragaragaje ko arimo gukora ibicuruzwa byujuje ubuziranenge ku ikubitiro, ariko byagera nyuma akongeramo ibikoresho bihendutse bitujuje ubuziranenge kugira ngo arusheho kunguka.

Ku rundi ruhande, hari uburyo abantu bamenyera gukoresha ibintu bataramenya ingaruka zabyo, kugeza igihe abahanga bazavumburira isano yabyo n’ingorane abantu bahura na zo ariko ntibamenye aho zituruka cyangwa bakazishakira indi nkomoko.

Kugira ngo bimenyekane ko kunywa amazi yanduye bishobora kwica umuntu, birashoboka ko hari miliyoni z’abantu zazize kunywa amazi yanduye ariko bakibwira ko bazize ubundi burwayi budafite aho buhuriye na yo.

Ibyo kandi birashoboka ko biba no ku bantu bagizweho ingaruka n’uburozi bwa ‘lead’ buboneka mu marangi asigwa mu nzu, mu bikomoka kuri peteroli no mu bikoresho bya pulasitiki, aho byaje kumenyekana ko icyo kinyabutabire gishobora kwangiza ubuzima kandi hari ahantu henshi kigikoreshwa ku rwego rwo hejuru.

Mu Rwanda, nubwo ingamba zafashwe, birashoboka ko hari abagizweho ingaruka n’icyo kinyabutabire ariko ntibamenye inkomoko y’uburwayi cyangwa ibindi byago bahura na byo mu gihe babona baba mu nzu isukuye, barya neza kandi bakaba bivuza neza.

Kwirengangiza amabwiriza y’ubuziranenge bibyara ingaruka zikomeye zirimo imfu, kononekara k’ubuzima, impanuka zinyuranye n’ibindi bibazo bijyana no gukurikiranwa mu mategeko cyangwa gufatirwa ibihano.

Aho kwanga kumvira impuruza z’abahanga bakoze ubushakashatsi byaba byiza ubanje gushishoza kuko ingaruka zishobora kudahita zikugaragarira, ariko zikazaza no ku bazagukomokaho igihe cyose wirengagiza ko ubuziranenge ari imvano y’ubuzima buzira umuze n’imbarutso y’iterambere rirambye.

# Kurya neza ni ukurya ibifitiye akamaro umubiri- Minisitiri Dr Bagabe


**Minisitiri w’Ubuhinzi n’Ubworozi Dr Cyubahiro Mark Bagabe, yasabye buri muntu wese kwihatira kurya indyo yuzuye**

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w’Ubuhinzi n’Ubworozi (MINAGRI), Dr Cyubahiro Mark Bagabe yasabye buri muntu wese kwihatira kurya neza ariko akarya ibigirira umubiri akamaro birimo imboga, inyama n’ibinyamafufu bikungahaye ku ntungamubiri.***

Ni ubutumwa yatanze mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w’Ibiribwa ku Isi ku wa Gatanu tariki ya 24 Ukwakira 2025.

Ni umunsi wizihirijwe mu Karere ka Nyamagabe mu Murenge wa Cyanika, ahatewe ibiti by’imbuto ziribwa, horozwa abaturage inka, inkoko n’ihene n’andi matungo.

Dr Bagabe yavuze ko koroza abaturage biri mu rwego rwo kubafasha kwikura mu bukene no kwihaza mu biribwa.

Yabasabye kurya neza ariko bakibanda ku bigirira umubiri akamaro.

Yagize ati: “Tuributsa ko umutekano w’ibiribwa, utagarukira gusa ku kugira ibiryo bihagije, ahubwo ni ugukora ku buryo buri funguro rigirira umubiri akamaro uko bikwiye kandi rigatuma atekereza neza.”

Minisitiri Dr Bagabe yashimangiye ko u Rwanda rwafashe ingamba zo gufasha abaturage kwihaza mu biribwa binyuze mu guhangana n’igwingira mu bana.

Yashimiye ako Karere ka Nyamagabe kuba harashyizwemo imbaraga mu guhangana n’igwingira mu bana, aho ubu imibare igaragaza ko nubwo kakiri inyuma y’utundi Turere dukennye ariko bigaragara ko igwingira mu bana ryagabanyutse.

Umuyobozi w’Akarere ka Nyamagabe Niwemwungeri Hildebrand yavuze ko ubu bakataje mu rugamba rwo guhashya ubukene n’imirire mibi.

Yagize ati: “Twiyemeje guhinga ubutaka bwose mu bihembwe byose, ngo bifashe guhashya imirire mibi.”

Ikigo cy’Ibarurishamibare (NISR) mu mwaka wa 2024, cyerekanye ko 51,4% by’ingo z’Akarere ka Nyamagabe zari bukene kandi zitihaza mu biribwa, icyakora bigaragazwa ko ari aka 3 mu Gihugu mu gukora cyane ngo ubwo ubukene burandurwe.

Muri aka Karere hahinzwe imboga kuri hegitari 350 mu gihembwe cy’ihinga C, biteganyijwe ko kazahinga hegitari 500 mu gihembwe nk’icyo mu mwaka utaha.

Uhagarariye Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye, ryita ku Buhinzi n’Ibiribwa (FAO) mu Rwanda, Nomathemba Mhlanga yavuze ko bakomeje inzira yo gufatanya na Leta y’u Rwanda, mu gufasha abaturage kwihaza mu biribwa.

Ati: “Ubuhinzi nk’inzira y’iterambere, kandi tweyemeza gutsinda urugamba rwo gufasha abaturage kwihaza mu biribwa. Twifatanya n’abaturage kwihaza mu biribwa no guhuza abahinzi n’amasoko.”

Ubundi uyu munsi Mpuzamahanga w’ibiribwa wizihizwa tariki ya 16 Ukwakira buri mwaka aho igihugu gihitamo kuwizihiza ku munsi gishaka bitarenze ukwezi k’Ukwakira nk’uko ishami ry’Umuryango w’Abibumbyeryita ku Buhinzi n’Ibiribwa ribiteganya.

Kuri uyu munsi MINAGRI yIfatanyije n’abafatanyabikorwa bayo gutera ibiti by’imbuto ziribwa ku mashuri bisaga 5 000 mu gihugu hose.

Ku ishuri rya G.S Notre Dame de la Paix hatewe ibiti bya avoka 100, naho ku ishuri rya G.S Saint Nicolas Cyanika abanyeshuri bagaburiwe ubugari bw’ibigori, ifu irimo intungamubiri ari yo igiye kujya ihabwe abanyeshuri mu gihugu ku ifunguro rya saa sita.

Umwe mu banyeshuri w’aho Manzi Alliance yabwiye Imvaho Nshya ko bishimiye ko begerejwe ibyo biti byera imbuto ahamya ko bizabafasha kwirinda indwara.

Mu Karere ka Nyamagabe, abaturage borojwe aho imiryango 7 yorojwe inka 7, imiryango 20 yorojwe ihene 40, hatanzwe n’inkoko 680 ku miryango 34 (inko 20 kuri buri muryango).


MINAGRI yanatangije ukwezi kwahariwe kwimakaza ibiribwa hazakorwa ibikorwa byo gushishikariza abaturage gufata neza ibiribwa no guhinga neza ubutaka bukabyara umusaruro kandi bakanorora neza amatungo abaha umusaruro, bikajyana no gufasha abahinzi n’aborozi kubona amako y’umusaruro babona.

Mu Rwanda, ingo 83% ni zo zitihagije mu biribwa aho ubu hakomeje gushyirwa imbaraga mu zisaga 16% ngo na zo zikure mu bukene kandi zibone ibiribwa bihagije.

UBWANDITSI

# U Rwanda rwanyuzwe n'uko Dr. Munyemana Sosthène yahamwe n'ibyaha bya Jenoside

***Guverinma y'u Rwanda yanyuzwe n'uko Dr Sosthène Munyemana wari umuganga w'abagore mugihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahamwe n'ibyaha akurikiranyweho, Urukiko rw'Ubujurire rwa Rubanda rw'i Paris mu Bufaransa rukemeza igifungo cy'imyaka 24 yakatiwe mu mwaka wa 2023.***



**U Rwanda rwanyuzwe n'ubutabera bwakatiye Dr Sosthène Munyemana gufungwa imyaka 24**

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr. Bizimana Jean Damascene, yahamije ko tariki 23 Ukwakira 2025, ari umunsi utazibagirana mu mateka y'ubutabera ku byaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda kuko ari yo Dr Munyemana Sosthène yahamirijweho ibyaha bya Jenoside.

Ati: "Ibyaha bya Jenoside Dr Munyemana Sosthène yakoreye mu Mujyi wa Butare byamuhamye ubuziraherezo, ahanishwa igifungo cy'imyaka 24 nkuko byari byemejwe n'urukiko rwa mbere. Hari abavuga ko iki gihano ari gito ugererenyije n'uburemere bw'ubwicanyi bwa Jenoside, ariko icy'ingenzi ni uguhamwa n'icyaha."

Yakomeje avuga ko icyemezo cy'ubutabera gihamije Dr Munyemana icyaha cya Jenoside gitanze amasomo akomeye ko ibyaha bya Jenoside n'ibyibasiye inyokomuntu biregwa ababikoze bagahungira mu mahanga, atari ibirego bya politiki nkuko abaregwa n'abababuranira babivuga buri gihe mu rukiko, mu buryo bw'ibinyoma n'amatakirangoyi.

Ati: "Muri buri rubanza, aba bantu babeshya ko bakurikiranywe ku mpamvu za politiki, ko Leta y'u Rwanda iyobowe na FPR ibahimbira ibirego mu rwego rwo kwihorera. Ibi birego mpimbano babunza aho kwiregura ku byaha bya jenoside bakoze, bisigaye byarabaye urwitwazo muri buri rubanza."

Yakomeje avuga ko urukiko rutesheje agaciro ibinyoma Dr Munyemana n'abamuburanira bitwaje iteka mu miburanire yabo baharabika abacitse ku icumu ngo ni ababeshyi, bibasira abatangabuhamya bamushinje n'impuguke zivuka ukuri n'izandika amateka nyayo ya Jenoside.

Yavuze kandi ko Urukiko rwa Rubanda rw'i Paris ruhaye ubutabera Abatutsi bishwe muri Jenoside bikozwe na Dr Munyemana, kandi ruhojeje abacitse ku icumu barokokeye i Cyarwa na Tumba, n'ahandi mu Mujyi wa Butare aho Dr Munyemana yiciye akanicisha abatutsi.

"[…] Ni icyemezo cyongeye kwereka abajenosideri ko jenoside ari icyaha mpuzamahanga gikurikiranwa ku isi hose, ko guhungira mu mahanga bitabaha ubudahangarwa."

Urukiko kandi rwashimiwe ko rutesheje agaciro ibinyoma byatanzwe n'abavoka baburaniye Dr Munyemana, 'bahisemo kuba abavugizi b'abicanyi, bagafatanya guhimba ibinyoma byikoma ubuyobozi bw'u Rwanda, bagahimba impamvu za politiki bagereka nkana kuri Leta y'u Rwanda aho kuburana urubanza rureba ibyaha bishinjwa Dr Munyemana ku giti cye.

Abamwunganiye bitwaza Leta y'u Rwanda barimo Me Philippe Meilhac waburaniye na Felicien Kabuga, Agatha Kanziga n'abandi, Me Biju Duval waburanye i Arusha imanza zirimo urwa Ferdinand Nahimana, no mu manza zitandukanye mu Bufaransa, Me Françoise Mathe, Me Vincent Lurquin, Me Philippe La Rochelle, Me Levy, Me Bourg n'abandi.

Aba Avoka barimo benshi baburaniye abajenosideri mu Rukiko rwa Arusha, bakaba iteka mu miburanire yabo batandukira, bagahimbira ibyaha Leta y'u Rwanda kandi atari yo iba iri mu rubanza, aho kuburana ibyaha bya Jenoside biba bifite ababikoze ku giti cyabo.

"[…] Ni ugutatira ubunyamwuga. Icyiza ni uko abacamanza batagwa muri uyu mutego nubwo Arusha ko byabaye mu manza zimwe na zimwe nk'urwa Mugenzi Justin, Mugiraneza Prosper, Zigiranyirazo Protais, Bagambiki Emmanuel, Ntagerura André, Nzuwonemeye François Xavier, Anatole Nsengiyumva n'abandi."

Igihano kije kigaragaza ireme ry'urubanza rwaciwe n'Urukiko Gacaca rwa Ngoma Butare-Ville mu Rwanda, tariki 22 Mutarama 2010 mu bujurire rugahamya burundu Dr Munyemana Sosthène ubwicanyi bwa Jenoside, rukamukatira adahari igifungo cya burundu.

Mu mabi Dr Munyemana Sosthène yakoreye i Tumba, harimo gufungirana Abatutsi mu cyumba cy'inama cya Segiteri Tumba, akajonjora abicwa barimo Philippe Musake na Laurence Kanayire.

Ibindi byaha byamuhamye muri Gacaca ni ugutanga intwaro yahawe na Kambanda Jean wari Minisitiri w'Intebe no gukora ubwicanyi kuri bariyeri yo ku Mukoni. Abanenga ibyemezo byafashwe n'inkiko Gacaca nibumvireho, nibabone ukuri kw'ubutabera bwa Gacaca, barekere aho kwanjwa.

Urukiko Gacaca rwemeje ko Dr Munyemana Sosthène yagize uruhare rutaziguye mu itegurwa n'ikorwa rya Jenoside mu Mujyi wa Butare, by'umwihariko mu Bitaro bya Kaminuza bya Butare (CHUB) aho bivugwa ko yishe abagore n'abana n'aho yari atuye i Tumba.

### Abandi bahamwe n'ibyaha bya Jenoside bahungiye mu Bufaransa

Igihano kije gisanga ibyahawe abandi bajenosideri bahungiye mu Bufaransa bahamijwe ibyaha bya jenoside barimo Cpt Pascal Simbikangwa wakatiwe igifungo cy'imyaka 25 mu mwaka wa 2016, Tito Barahira na Octavien Ngenzi bayoboye Komini Kabarondo, bakatiwe igifungo cya burundu mu 2018.

Abandi ni Laurent Bucyibaruta wari Perefe wa Gikongoro wakatiwe imyaka 20 mu 2018, Claude Muhayimana wari Interahamwe yo ku Kibuye akaba yarakatiwe imyaka 14 mu 2021, Hategekimana Philippe alias Biguma wakatiwe igifungo cya burundu mu 2023 na Dr Rwamucyo Eugène wakatiwe igifungo cy'imyaka 27 mu 2024, akaba nawe yarakoreye jenoside i Butare kimwe na Dr Munyemana Sosthène n'abandi baganga.

### Abaganga 25, abimenyereza umwuga 3 n'abaforomo 31 bakoze Jenoside i Butare

Nk'uko bishimangirwa na Minisitiri Dr. Bizimana, Imanza za Gacaca zaciwe mu Mujyi wa Butare zerekanye ko abaganga 25, abanyeshuri batatu bari bashoje amasomo y'ubuganga muri Kaminuza y'u Rwanda bimenyereza umwuga muri CHUB, n'abaforomo 31 bakoreraga i Butare bahamijwe gukora ubwicanyi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi bica abiganjemo abaganga n'abakozi bakoranaga.





# U Rwanda rwiteguye gufata inshingano mu gihe MICT izaba irangije imirimo yayo

KAYITARE Jean Paul

***Ambasaderi w'u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye, Martin Ngoga, yabwiye Akanama k'Amahoro k'Umuryango w'Abibumbye ko u Rwanda rwiteguye gufata inshingano mu gihe Urwego mpuzamahanga rushinzwe gukora imirimo y'insigarira y'Inkiko Mpanabyaha (MICT) ruzaba rurangije imirimo yarwo.***



**Ingabo z'u Rwanda zashimiwe umuhate zishyira mu kubungabunga amahoro n'umutekano muri Sudani y'Epfo**

Amb Ngoga yagaragaje ko Urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda n'Urwego rwarusimbuye ari inkingi ya mwamba n'umuhate uhuriweho wo gukurikirana abateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi.

Avuga ko hiyongeraho n'ibindi byaha bikomeye bihonyora amategeko arengera uburenganzira bwa muntu ariko akanerekana ko hakiri ibibazo by'ingutu.

Yabigarutseho ku wa 22 Ukwakira 2025, mu Kanama k'Amahoro k'Umuryango w'Abibumbye.

Agira ati: "Byongeye ariko tugomba kuvuga tweruye ibyuho bigihari, inzitizi mu bufatanye ni ikintu cy'ingenzi mu gusigasira umurage twubatse.

Iki kiganiro kibaye mu bihe bikomeye, aho akana k'amahoro ka Loni gasuzuma urwego rw'ahazaza rwashyiriweho kurangiza imirimo yashyizweho n'inkiko za Loni, ndetse n'uburyo uru rwego ruzacungwa.

Rero ni umwanya w'ingenzi gutekereza ibyagezweho, imbogamizi zigihari ndetse n'uburyo u Rwanda rwiteguye gufata inshingano mu gihe uru rwego ruzaba rwushije ikivi cyarwo."

### Aho U Rwanda ruhagaze ku kibazo cy'Abanyarwanda boherejwe muri Niger

Ambasaderi Martin Ngoga yagaragaje aho u Rwanda ruhagaze ku kibazo cy'Abanyarwanda boherejwe muri Niger nyuma yo kurangiza ibihano byabo cyangwa abagizwe abere.

U Rwanda rweretse Akanama k'Amahoro ka Loni ko nyuma y'imyaka irenga 30, nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, abantu bashyiriweho inyandiko z'ibirego bakiri benshi.

Amb Ngoga agira ati: "Inyandiko z'ibirego zirenga 1 400 zoherejwe n'u Rwanda mu bihugu bitandukanye, rusaba ko batabwa muri yombi bakaburanishwa."

U Rwanda ntirwahwemye kugaragaza ko ubufatanye muri uru rwego bugenda biguru ntege ndetse mu bihugu bimwe na bimwe hakabaho kunanirwa guta muri yombi, kohereza mu Rwanda cyangwa kuburanisha abo bashyiriweho inyandiko z'ibirego.

Ati: "Hamwe na hamwe ubutabera bwagenze biguru ntege mu gufata icyemezo nubwo zabisabwe mu buryo buteganywa n'amategeko."

U Rwanda rugaragaza ko ikibazo cy'abantu Batandatu bagizwe abere cyangwa bakarekurwa bakoherezwa muri Niger nk'uko byavuzwe muri raporo, ari abantu bishyira bakizana.

U Rwanda rwavuze kenshi ko rwiteguye kubakira kugira ngo bakomereze ubuzima bwabo mu Rwanda.

KAMALIZA Agnes

# Kigali yungutse ishuri ryigisha abakanika telefoni

***Kuba telefoni cyangwa radiyo zizakomeza gukorwa n'abirwanaho muri karitsiye bigiye kuba amateka, nyuma y'uko mu Mujyi wa Kigali hatangijwe ishuri ryigisha gukanika telefoni mu buryo bw'umwuga.***



**Abakanika telefone, amaradiyo bagiye kujya babyiga, babikore kinyamwuga**

Iryo shuri riratanga icyizere cy'uko mu gihe umubare w'abatunze telefoni ngendanwa ukomeje kwiyongera mu Rwanda, izigize ikibazo zizajya zikorwa n'abanyamwuga bafite ubumenyi ku ikoranabuhanga rigezweho.

Iryo shuri ryiswe 'Tajyire Training Center' rirakorera muri Matheus House mu Mujyi wa Kigali, rikaba ryitezweho kwigisha rihereye ku babikoraga birwanaho bagahinduka abanyamwuga.

Bamwe mu baganiriye na Imvaho Nshya bagaragajekoibikorwaby'abasherisheri byababangamiraga aho wasangaga babakurubana, abandi bakabatsindagira telefone badafite gahunda yo kugura.

Bavuga ko icyiza ari uko bene nkabo baba bafite aho bakorera abakiriya baje muri izo serivise bakajya bahabasanga.

Akuzwe Bella Fridah yagize: "Bitewe n'ukuntu bahatiriza; bagukurura, bagukoraho batuma unakoresha telefone nta gahunda wari ufite. Ariko reka twizere ko iryo shuri rizabafasha byibuze gukora kinyamwuga bakareka gutangira abantu."

Nsengiyumva Emmanuel nawe ati: "Impamvu baza gutangira abantu ni uko abenshi muri bo baba batazi ibyo gutekinika ariko buriya babifiteho ubumenyi ntabwo ntibazabyongera."

Ubuyobozi bwa Tajyire Electronics Group, isanzwe icuruza ikanakanika ibikoresho by'ikoranabuhanga, bugaragaza ko mu rwego rwo guca ako kajagari biyemeje gushinga ishuri ryigisha abasherisheri ibyo gutekinika no kwihangira imirimo.

Umuyobozi Mukuru wa Tajyire Electronics Group, Gahungu Lambert, avuga ko bimwe mu byuho iryo shuri rizaziba ari uguca akajagari k'abasherisheri, rikabafasha kumenya akazi, kugakora kinyamwuga no kubona amaseta ya make bakoreramo.

Ati: "Mubona abantu hano bagenda bafata abantu ngo tubagurishe telefone; abo bose turi kubaremera umwanya bashobora gukoreramo ku mafaranga make. Ikindi imwe mu ntego twari dufite ni ukugira ahantu twigishiriza abantu ari na yo mpamvu turi kwigisha abakiri bato. Kera umuntu yavaga ku muhanda cyangwa mu rugo akavuga ngo njye nkora telefone ugasanga aho kuyikora arayishe."

Gahungu ashimangira ko yiteguye gufasha Igihugu guca ubucuruzi bw'akajagari nkuko bigaragazwa n'ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali buvuga ko abagendana ibicuruzwa imbere y'amaduka, amasoko, ahategerwa imodoka n'ahandi bibangamira abakora mu buryo bwemewe n'amategeko kandi bigateza umutekano muke.

Umujyi wa Kigali kandi ugaragaza ko witeguye guca ubwo bucuruzi binyuze mu guha abacuruzi imyanya mu masoko no kubafasha kwiteza imbere.

Biteganyijwe ko ishuri Tajyire Training Center rizigisha abarenga ibihumbi 10 mu gihe cy'imyaka itanu kandi bose bazaba bakora imirimo y'imyuga kandi ibabyarira inyungu.

Abakora isesengura ku bijyanye no kubona akazi ku barangiza amashuri y'ubumenyi rusange, n'abarangiza amashuri y'ubumenyi ngiro, baragaragaza ko mu myaka itanu iri imbere ubumenyi ngiro ari bwo buzaba buhetse ubukungu bw'Igihugu.

Ni mu gihe amashuri y'imyuga, tekiniki n'ubumenyi ngiro akomeje gufasha u Rwanda mu guhangana n'ubushomeri mu rubyiruko, aho imibare igaragaza ko 71% by'abayasoje babona imirimo.

Mu ntangiriro z'uyu mwaka wa 2025 Urwego rw'Igihugu rushinzwe guteza Imbere Tekiniki Imyuga n'Ubumenyingiro, (RTB) rwagaragaje ko umubare w'abiga ayo masomo ukomeza kwiyongera aho wageze kuri 43%, bavuye kuri 31% mu 2022.

# Ishimwe ry'Abanyarwanda batangiye kurya ku musaruro w'ikoranabuhanga

NYIRANEZA Judith

***Abantu batandukanye bahamya ko ikoranabuhanga ryihutisha serivisi, bityo bigafasha kugera ku iterambere, by'umwihariko bakavuga ko bisabwa ko rikoresha mu bifite umumaro, biganisha ku iterambere aho kwirirwa bareba biganiro binyura kuri youtube gusa.***



Abantu bo mu ngeri zitandukanye bashima ko ikoranabuhanga ryaborohereje kubona serivisi

Umwe mu batuye mu Karere ka Rwamagana mu Murenge wa Kigabiro wahawe izina rya Mukamana Marie yabwiye Imvaho Nshya ko ikoranabuhanga ari ryiza, ryamuvunnye amaguru.

Ati: "Ikoranabuhanga ni ryiza, umuntu ufite telefoni yishyura cyangwa akishyurwa atavuye aho ari, ibyo bigatuma umuntu yikomereza imirimo ye yo kwiteza imbere, bitandukanye na mbere kuko byasabaga gukora urugendo tujya ahari banki, no gutonda umurongo."

Umuhinzi wo mu Karere ka Kamonyi mu Murenge wa Mugina we yavuze ko ikoranabuhanga rimufasha gutegura inyongeramusaruro ku buryo bworoshye.

Ati: "Nifashishije ikoranabuhanga, bimfasha guteganya hakiri kare ingano y'imbuto y'indobanure n'ifumbire mvaruganda nzakenera binyuze muri gahunda ya 'Smart Nkunganire' nkoresheje telefone."

Umunyeshuri usoje kaminuza we yavuze ko ikoranabuhanga riradufasha cyane kuko bituma umuntu akora ubushakashatsi bumufasha mu myigire ye no mu zindi serivisi.

Yagize ati: "Ikoranabuhanga ni ingenzi mu buzima bwa buri munsi mu mitegurire y'ibitabo twandika dusoza kaminuza, rifasha mu kugeza amakuru ku bantu benshi icyarimwe, abantu babasha kuganira byoroshye, kubona serivisi ku buryo bworoshye, bigatanga akazi ku batanga izo serivisi nk'iya Momo, Irembo bikihutisha iterambere."

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ikoranabuhanga mu Itumanaho n'Isakazabumenyi (RISA), Sebera Antoine, yavuze ko u Rwanda rugeze ku rwego rwiza mu rwego rw'ikoranabuhanga, kuko urisanga muri serivisi zose zikenerwa n'Abanyarwanda.

Ati: "Turi mu Isi y'ikoranabuhanga, imirimo myinshi ni ho isigaye ikorerwa, ari mu bucuruzi,mu buvuzi, mu gutanga serivisi za Leta, ntiwavuga ko ntaho zitaragera. [….] Kera nta bantu twari dufite bahagije mu gutunga konti ya banki, byasabaga ibintu byinshi, gutonda umurongo, aho tugeze ubungubu, kwakira amafaranga, kwishyura, kuyohererereza umuntu biroroshye cyane."

Yongeyeho ati: "Irembo ridufatiye runini, byakemuye ibibazo byinshi cyane byatumye ubucuruzi bugenda neza, byatumye abantu bihuta mu kazi kabo ndetse no muri Leta gutanga serivisi no kugira byinshi tugeza ku Banyarwanda bose.

Ba rwiyemezamirimo bagiye bahimba serivisi zitandukanye, habanze udushya dufasha mu bucuruzi, muri serivisi zitandukanye ku buryo ikoranabuhanga rifashe cyane igice kinini cy'ubukungu bwacu."

Abo bantu bo mu nzego zitandukanye bavuga ibi mu gihe mu Mujyi wa Kigali hari hamaze iminsi habera Inama Mpuzamahanga yiga ku Ikoranabuhanga rya telefoni ngendanwa n'ibijyanye naryo.

# Abahinzi bafumbije imvaruganda biyongereyeho 6.9% mu gihembwe cya 2025B

KAMALIZA Agnes

***Ubushakashatsi bw'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, NISR, bw'igihembwe cya kabiri cy'ihinga 2025 B, (SAS: Seasonal Agricultural-Survey) bwagaragaraje ko abahinzi bakoresheje ifumbire mvaruganda biyongereyeho 6.9% ugereranyije n'igihembwe nk'icyo umwaka ushize.***

Ubwo bushakashatsi bwatangiye muri Mata bugasozwa ku wa 30 Kamena uyu mwaka bwakorewe mu Turere 30 twose tw'Igihugu, hifashishijwe udupande tw'ibarura 1 200, n'abahinzi 379 bakorera ku buso bunini.

Ubu bushakashatsi butanga amakuru ku bihingwa bihingwa mu Rwanda ukuyemo ikawa n'icyayi kuko yo atangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB), akusanywa mu bikorwa bisanzwe byo gukurikirana umusaruro w'ikawa n'icyayi.

Ijanisha rigaragaza ko ifumbire y'imborera yakoreshejwe n'abahinzi 80.8%, barimo abahinzi bakorera ku buso buto 81.2%, n'abakorera ku buso bunini 63.8%, mu gihe 55.5%, ari bo bakoresheje iy'imvaruganda barimo 54.8% bahinga ku buso buto na 83.7% bahinga ku buso bunini.

Ni mu gihe 89.9% by'abahinzi bakoze ibikorwa byo kurwanya isuri, bakaba bariyongereyeho 0.8% ugereranyije n'igihembwe B cy'umwaka ushize.



Ibishyimbo ni byo byasaruwe ku buso bunini ugeranyije n'ibindi bihingwa mu gihembwe 2025B-1

Mu gihembwe cy'ihinga 2025 B, ibishyimbo ni byo byahinzwe ku buso bunini ugereranyije n'ibindi bihingwa aho byahinzwe kuri hegitari 335 052, bukaba bwariyongereye ugereranyije na hegitari 329 112 byari byahinzweho mu gihembwe cya 2024 B.

Ku bijyanye no gusarurwa; ibishyimbo ni byo byasaruwe ku buso bunini ugeranyije n'ibindi bihingwa aho byasaruwe kuri hegitari 334 988, mu gihe urutoki ruza ku mwanya wa kabiri na hegitari 93 803.

Mu Gihembwe B 2025, 36.6% by'abahinzi bakoresheje imiti yica udukoko (pesticides) aho abahinzi bato 35.6% bayikoresheje mu gihe abahinga ku buso bunini ari 77.7%.

Muri bo abakoresheje umuti wa rocket ni 30.4%, dithane 24.3% mu gihe cypermethrin ari 16.1%.

KOMEZA KU RUP.11





## Abahinzi bafumbije imvaruganda biyongereyeho 6.9% mu gihembwe cya 2025B

IBIKURIKIRA URUP.10

NISR igaragaza ko ubuso bwose bw'Igihugu bupimwa kuri hegitari miliyoni 2.376, aho hegitari miliyoni 1,423 ni ukuvuga hafi 60% zikoreshwa mu buhinzi.

Mu Gihembwe B cya 2025, hegitari miliyoni 1,022 zahinzweho imyaka y'ibihembwe, hegitari miliyoni 0.524 zigenerwa imyaka y'igihe kirekire mu gihe hegitari 0.1 miliyoni zagenewe ubwatsi bw'amatungo.

Ibihembwe by'ihinga by'ingenzi birimo igihembwe A, gitangira muri Nzeri kugera muri Gashyantare umwaka ukuriyeho, igihembwe B gitangira muri Werurwe kugeza muri Kamena, n'igihembwe C gitangira muri Nyakanga kikarangira muri Nzeri.

# U Rwanda rwahawe ibikoresho bya Laboratwari bizafasha kumenya ubuziranenge bw'amazi



Nyirishema Richard, Umuyobozi w'Ikigo gishinzwe kwita ku mutungo kamere w'amazi

KAYITARE Jean Paul

***Umuryango w'Ibihugu bihuriye ku kibaya cy'uruzi rwa Nili, (Nile Basin Initiative, NBI) washyikirije u Rwanda ibikoresho bya laboratwari bigezweho, bizafasha kumenya ubuziranenge bw'umutungo kamere w'amazi ku cyogogo cy'uruzi rw'Akagera n'Akanyaru.***

Umuryango wa NBI washyikirije u Rwanda ku mugaragaro ibikoresho bya laboratwari n'ibipima ubuziranenge bw'amazi, binyuze Kigo cy'Igihugu gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi (Rwanda Water Resources Board).

Ni umuhango wabaye ku wa Mbere tariki 20 Ukwakira 2025, ubera aho RWB ikorera ari naho labotwari ipima ubuziranengwe bw'amazi yashyizwe.

Biteganyijwe ko bizafasha cyane mu gukomeza gukurikirana ubuziranenge bw'amazi mu gihugu, no guteza imbere ubufatanye mu micungire y'amazi anyura mu bihugu byinshi.

Ibikoresho bya laboratwari byashyikirijwe u Rwanda ku mugaragaro, bifite agaciro ka 200 700 000 Frw.

Nyirishema Richard, Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Ikigo gishinzwe kwita ku mutungo kamere w'amazi, avuga ko u Rwanda rusanzwe rufitanye ubufanye n'Umuryango NBI mu buryo butandukanye cyane ko wageneye u Rwanda ibikoresho byo gupima ubuzirange bw'amazi mu migezi.

NBI yanatanze laboratwari n'ibikoresho byayo ndetse inahugura abakozi ba RWB bakurikirana laboratwari by'umwihariko ubuziranenge bw'amazi.

Agira ati: "Ibikorero baduhaye bya laboratwari ni ibyo twifashisha cyane mu kureba ubuziranenge bw'amazi ku migezi. Umutungo kamere w'amazi dukoresha ukoreshwa n'abantu batandukanye haba mu buhinzi, mu ngo n'ahandi.

Ni byiza ko mu gihe urimo gutanga amazi ko uba uzi n'ubuziranenge bwayo. Ibyo abakozi bacu bari basanzwe babikora ariko bafite ibikoresho bike cyane. Ibyo baduhaye ni laboratwari yuzuye, hakaba n'ibikoresho bazajya batwara bagapima ku migezi."

Ubuyobozi bwa RWB buvuga ko hari sitasiyo Enye zubatswe zipima ubuziranenge bw'amazi, zigatanga amakuru ako kanya ku buryo abari muri laboratwari bahita babibona bidasabye ko bajya kuri izo sitasiyo.

Agira ati: "Tuba dukeneye kumenya niba amazi afite ibitaka byinshi wenda nk'umusozi bahingaho, nk'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, tukaba dushobora kumenya ingaruka byagize ku mazi, ni uko gupima tuba tuvuga."

Twe icyo dukora ni ugutanga amakuru kugira ngo abafata ibyemezo babifate bahereye ku makuru afite imibare ifatika."

Akomeza agira ati: "Icyo tuba twifuza n'uko imigezi yose tugabanya ubwandure bwayo cyane cyane ibijyanye n'ubutaka buba burimo. Ariko kugira ngo bikorwe hari akazi kenshi gakorwa kandi kadakorwa n'ikigo kimwe cyane cyane aho ubwo butaka bwenda guturika; aho bahinda, aho bacukura amabuye y'agaciro n'ahataratewe ibiti."

Dr Florence Grace Adongo, Umuyobozi Mukuru wa NBI, avuga batanze ibikoresho bya laboratwari bizafasha Guverinoma y'u Rwanda mu kugenzura ubuziranenge bw'amazi kugira ngo amakuru atanzwe afashe inzego zifata ibyemezo.

Agira ati: "Banki y'Isi binyuze mu Kigega cyitwa Cooperation in International Waters in Africa (CIWA), hatanzwe ibikoresho bizafasha kumenya ubuziranenge bw'amazi mu bihugu bihuriye ku kibaya cy'uruzi rwa Nile."

Dr Adongo avuga ko hazashyirwaho uburyo ibihugu byose bihuriye ku kibaya cy'uruzi rwa Nili bizajya bikurikirana ubuziranenge bw'amazi nyuma yo gusangira amakuru no kwerekana ishusho y'ubuziranenge bw'amazi mu kibaya cy'uruzi rwa Nili.

Intego za NBI zirimo kongera ubwinshi n'imikoreshereze y'amakuru ku bwiza bw'amazi mu kibaya cy'uruzi rwa Nili, hagamijwe gufasha ibihugu bigize uyu muryango gufatanya mu kurwanya umwanda no kurengera ibidukikije bifitanye isano n'amazi.

Igikorwa cyo gutanga no gushyira ibikoresho bya laboratwari mu bihugu icyenda bigize Umuryango wa Nile Basin Initiative, harimo n'u Rwanda, gikorwa binyuze mu mushinga Nile Cooperation for Climate Resilience (NCCR), uterwa inkunga na Banki y'Isi binyuze mu Kigega cyitwa Cooperation in International Waters in Africa (CIWA).


# Abarimu bo mu Rwanda batangiye guhugurwa ku gukoresha AI

NTAWITONDA Jean Claude

***Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yatangaje ko abarimu bo mu Rwanda batangiye guhugurwa ku gukoresha Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Muntu Buhangano (AI/Artificial Intelligence), kuko ribonwa nk'umusemburo w'iterambere ry'uburezi bw'ahazaza.***

Ni imwe mu nkingi zo gushyigikira urugendo rwo kubaka uruhererekane rw'uburezi bushingiye kuri iryo koranabuhanga nk'uko bishimangirwa n'Icyerekezo 2050 na Gahunda ya kabiri ya Guverinoma y'imyaka 5 yo kwihutisha Iterambere, zishimangira ko kongerera ubushobozi abakozi mu nzego zose ari wo musingi wo kubaka iterambere rirambye.

Mu Nama Nyafurika yiga ku hazaza h'Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Muntu Buhangano (AI) mu burezi no mu iterambere ry'umurimo yateraniye i Kigali kuri uyu wa Kane tariki ya 23 Ukwakira 2025, Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph, yavuze ko u Rwanda rwatangiye gtegura abarimu bashobora gukomeza kwigisha mu bihe by'impinduka zizanwa n'ikoranabuhanga rigezweho.



Abarimu bahabwa amahugurwa ku Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Muntu Buhangano

Yagize ati: "Turabizi ko impinduka zitangirana n'abarimu. Ku bufatanye n'Ikigo 'MIT RAISE' n'abandi bafatanyabikorwa, u Rwanda rwatangije gahunda yo kwigisha abarimu AI, kubafasha kubona ubumenyi bw'ibanze bw'uko AI ikora n'uburyo ishobora kwifashishwa mu kongera uburyo bwo guhugura abanyeshuri."

Yakomeje ashimangira ko u Rwanda rukomeje guhuza AI no gutegura amasomo ndetse na gahunda zo kubaza abanyeshuri mu mashuri yatiranyijwe, aho abarimu bazajya banifashisha AI mu gutegura amasomo ajyanye n'Integanyanyigisho, gusuzuma imikorere y'abanyeshuri ku gihe ndetse no gutegura ubufasha aho babukeneye hose.

Yakomeje afgira ati: "Kubera ko niba AI igamije guhindura imyigire, ikwiye kuba ihindura n'ubunararibonye bw'imyigishirize. Ntitubona AI nk'ikoranabuhanga riri ukwaryo, ahubwo ni uburyo budufasha guteza imbere gahunda z'Igihugu zishyizwe imbere- uhereye ku burezi n'ubuzima, ukageza ku buhinzi n'imiyoborere. Umushinga wacu ushingiye ku kuba twiteguye, kuba dufite impamvu zifatika kandi tugera kuri bose."

Minisiteri y'Uburezi ikokomeza ivuga ko gukorsha AI bigamije gufasha kubaka uburezi burema amahirwe y'imirimo, hakaba hakomeje gushyirwa imbaraga mu masomo y'Uburezi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM), gahunda za TVET n'integanyanyigisho zidaheza mu kubaka ubumenyi ku kubika amakuru, gukora porogaramu za mudasobwa, ndetse no guhanga ibishya.

Kwimakaza AI mu burezi ni umushinga wagutse uzagerwaho ku bufatanye bwa Leta n'abikorera ugamije guharanira kubaka ubumenyi isi y'ahazaza ikeneye, ari na yo mpamvu ihuzanzira rya internet rikomeje gukwirakwizwa mu mashuri, hibandwa ku mashuri yo mu cyaro, no guhuza AI n'uburezi bugenerwa abafite ubumuga cyangwa abafite ikibazo cy'ururimi.

Minisiteri y'Uburezi yaboneyeho gushimira inzego zateguye inama mpuzamahanga yiga ku iterambere ry'ikoranabuhanga rya telefoni (MWC Kigali 2025), n'abafatanyabikorwa bagaruka ku hazaza ha Afurika mu buryo biga, uko bigisha n'uburyo barushaho kwisanga mu Isi y'Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Muntu Buhangano.

---

# Ibiti bikwiye kubungabungwa, ibiterwa 60% byangirika bitarakura- Dr Nsengiyumva

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin, yasabye Abanyarwanda gutera ibiti bakanabibungabunga kuko Leta y'u Rwanda ifite gahunda yo kubitera ku buso bunini, kandi byagaragaye ko ibiterwa ku bwinshi, 60% yabyo bidakura. Yasabye inzego bireba gushyira imbagarga mu kubibungabunga.***

Ni ubutumwa yatanze ku wa Gatandatu, tariki ya 25 Ukwakira 2025 ubwo yari yifatanyije n'abaturage bo mu Karere ka Karongi mu muganda rusange ngarukakwezi wabereye mu Murenge wa Rugabano, wahujwe no gutangiza igihembwe cyo gutera ibiti n'amashyamba mu mwaka wa 2025-2026.

Mu ishyamba rya Mutuntu ryatewemo ibiti ryajyaga ryangizwa n'abaturage ariko Dr Nsengiyumva basabye guharanira ko ibiti batera biramba.

Yagize ati: "Utere igiti kizaba umurage wawe, na nyuma y'imyaka 20 uzagaruke uvuge uti iki giti naragiteye kikaba ari umurage wanjye."



Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin, yifatanyije n'abatuye i Karongi gutera ibiti

Yunzemo ati: "Abanyarwanda dutera ibiti byinshi ariko 60% yabyo ntabwo bikura, abantu bashinzwe amashyamba, ibidukikije n'ubuhinzi mukwiye kudufasha ibi biti, duteye ntibizapfe."

Abaturage bavuze ko bagiye kubungabunga iryo shyamba ryatewemo ibiti, kuko ryari rimaze igihe ryangiritse.

Umwe ati: "Tugiye kujya ducunga nitubona uryangiza tubivuge"

Undi ati: "Tugiye kubibungabunga kugira ngo tugere ku isoko y'ubuzima n'iy'umwuka duhumeka".

Guverinoma y'u Rwanda yasabye abaturage guhinga ahashoboka hose hari ubutaka kandi bagakoresha ifumbire kugira ngo Igihugu kigere ku ntego yo kongera 50% y'umusaruro w'ubuhinzi.

Ishimangira ko ibyo bizashoboka ari uko bahinze kinyamwuga bakoresha imbuto z'indobanure n'ifumbire nziza kandi bakanashyira ibihingwa byabo mu bwishingizi.

Hirya no hino mu Gihugu, kandi hatewe ibiti hagamijwe kurwanya imihindagurikire y'ibihe, kurinda ubutaka no kongera ubwiza bw'aho abaturage batuye.

Mu Karere ka Gasabo, abo mu Murenge wa Kacyiru, barimo abayobozi b'inzego zitandukanye, urubyiruko rw'abakorerabushake n'abaturage, bateye ibiti by'imirimbo n'ibiti gakondo.

Mu Karere ka Rusizi naho mu Mirenge ya Butare, Bweyeye na Gikundamvura hatewe ibiti bifata amazi bivangwa n'imyaka birimo umusave, Gerevelia n'umuhumuro, kuko byagaragaye ko hibasirwa n'ibiza bigatwara ubutaka.





# Burera: Umuhanda Base-Butaro-Kidaho ugeze kuri 54 % wubakwa



Iyubakwa ry'umuhanda wa kaburimbo Base- Butaro- Kidaho ugeze kuri 54% wubakwa

NTAWITONDA Jean Claude

***Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere rya Taransiporo (RTDA) bwatangaje ko umuhanda wa kaburimbo wa Base-Butaro-Kidaho ureshya n'ibilometero 63 ugeze ku kigero cya 54% wubakwa, ndetse imirimo ikomeje kugenda neza ku buryo utanga icyizere cyo kurangira vuba nk'uko byari byitezwe.***

Uyu muhanda watangiye kubakwa mu mwaka ushize wa 2024, nyuma y'imyaka 10 yari ishize Perezida wa Repubulika Paul Kagame awemereye abaturage bo mu Karere ka Burera.

Uyu muhanda uhuza Uturere twa Burera na Rulindo mu Ntara y'Amajyaruguru, ubonwa nk'uw'ingenzi cyane kuko uzafasha benshi koroherwa no kugera ku Bitaro Bivura Kanseri bya Butaro ndetse no kuri Kaminuza Mpuzamahanga y'Ubuvuzi n'Ubuzima kuri bose (University of Global Health Equity/UGHE).

Ibyo bikorwa remezo biherereye muri Butaro byose ni umusingi ukomeye mu iterambere ry'ubuvuzi mu Rwanda ndetse no ku rwego mpuzamahanga, bityo akaba ari ahantu bizorohera kugerwa n'abanyeshuri, abanyamwuga n'abarwayi baturutse mu bindi bice by'u Rwanda no mu bihugu by'Afurika.

Uwo muhanda biteganywa ko uzuzura utwaye miliyari 96 na miliyoni zisaga 733 z'amafaranga y'u Rwanda, ni umushinga witezweho kuzafasha abaturage n'ubukungu bw'Akarere ka Burera n'Intara y'Amajyaruguru muri rusange.

Ubuyobozi bwa RTDA buhamya ko bugeze kure imirimo yo kubaka bushya umuhanda wa Base-Butaro-Kidaho hashyirwamo kaburimbo utazoroshya ubuhahirane n'utwo Turere tubiri gusa ahubwo ko uzanagira n'uruhare rukomeye mu gufasha iterambere ry'abaturage bakora ubushabitsi bwambukiranya imipaka.

Uyu muhanda kandi uzazamura ibikorwa by'ubukerarugendo bukorerwa ku kiyaga cya Rulindo n'icya Burera, ndetse ube n'ingirakamaro mu bucuruzi bwambukiranya umupaka kuko ukomerezaho uwa Base-Kirambo-Butaro-Cyanika.

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MINIFRA), na yo ivuga ko uyu muhanda uzagira uruhare rukomeye mu iterambere ry'Akarere kuko uzafasha mu koroshya urujya n'uruza rw'ibicuruzwa, abaturage na serivisi ndetse no kurushaho kunoza imibereho y'abaturage bawuturiye.

Ku baturage bo mu Majyaruguru, ni ibyishimo kuri bo kuko uyu muhanda ugiye kubafasha kugabanya igihe bamaraga mu ngendo zibahuza n'ibindi bice by'Igihugu ndetse n'amafaranga bazitangagaho.

Ibyo bizatuma barushaho kugera ku masoko yagutse, serivisi zitangirwa mu bindi bice by'Igihugu ndetse n'ubuvuzi bwo ku rundi rwego.

Mu kubyaza umusaruro uyu muhanda bamaze igihe kinini bategereje, abaturage bahamya ko batangiye kubaka inzu z'ubucuruzi hafi yawo, no kuvugurura izo batuyemo mu rwego rwo kurushaho kuzijyanisha n'iterambere rubagezeho.

Abo baturage bavuga ko uretse kuba batangiye gukoza imitwe y'intoki ku gusirimuka n'irindi terambere rishingira ku muhanda wa kaburimbo, bamwe muri bo babonye akazi mu mirimo yo kuwubaka, abandi bahabwa ingurane zabahinduriye ubuzima.



Ambasaderi Bizimana Festus yashyikirije Perezida wa Guinée-Bissau Umaro Sissoco Embaló, impapuro zimwemerera guhagarariraryo u Rwanda

# Amb. Bizimana yatanze impapuro zo guhagararira u Rwanda muri Guinée-Bissau

KAMALIZA Agnes

***Ambasaderi Bizimana Festus yashyikirije Perezida wa Guinée-Bissau Umaro Sissoco Embaló, impapuro zimwemerera guhagararira u Rwanda muri icyo guhugu.***

Mu muhango wabaye ku wa 22 Ukwakira, Amb. Bizimana yashyikirije Perezida Embalo ubutumwa bwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame bwo gukomeza gushimangira umubano w'ibihugu byombi mu bya dipolomasi.

Mu biganiro Amb. Bizimana yagiranye na Perezida w'icyo gihugu yashimangiye ko ubufatanye bukwiye gukomeza hagati y'ibihugu byombi mu nzego zitandukanye, cyane cyane mu rwego rwo gushyira mu bikorwa amasezerano y'ubufatanye yasinywe, arimo ayo gukuraniraho viza mu rwego rwo koroshya ingendo n'ubufatanye mu by'ubukerarugendo.

Perezida Embaló yashimye umubano ibihu byombi bikomeje kugirana anifuriza Amb. Bizimana amahirwe masa mu mirimo mishya.

Amb. Bizimana abonanye na Perezida Embalo nyuma yuko ku wa 21 Ukwakira 2025, ahaye Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Guinea Bissau, Carlos Pinto Pereira, kopi y'impapuro zimwemerera guhagararira u Rwanda.

U Rwanda na Guinea-Bissau bisanzwe bifitanye umubano ushingiye ku bufatanye mu nzego zitandukanye zirimo ubutwererane mu bukungu n'ubucuruzi, uburezi, ubukerargendo, gutegura inama no kubungabunga ibiudukikije, yashyizweho umukono na ba minisitiri b'ububanyi n'amahanga.

U Rwanda rufite Ambassade i Bissau ifasha nk'igicumbi cyo kurushaho kwimakaza ibiganiro bya politiki, ubufatanye mu bucuruzi n'ishoramari na serivisi zitangwa muri ambasade.

Ubushake bwa Politiki bw'ibihugu byombi mu kubyaza umusaruro amahirwe y'ubutwererane burahari, kandi Abakuru b'Ibihugu n'abagize Guverinoma zombi babishimangira mu kugenderanira mu buryo buhoraho.

By'umwihariko ibihugu byombi bishyize imbere imishinga igamije kurushaho kubyaza umusaruro amahirwe atangwa n'Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA) no gutanga umusanzu wabyo mu kurushaho kuryimakaza ku Mugabane.

Ibihugu byombi kandi byiyemeje guhererekanya ubunararibonye mu nzego zitandukanye, aho Guinea Bissau yiteguye kwigira ku mbaraga z'u Rwanda mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima.

# Abanyarwanda 277 batashye mu Rwababyaye

NYIRANEZA Judith

***U** Rwanda rwakiriye abandi Banyarwanda 277 bagizwe n'imiryango 94 bari barafashwe bugwate n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, bakiriwe ku mupaka munini wa La Croniche ku wa Kabiri tariki 21 Ukwakira 2025.*



Abanyarwanda 277 bari barahejejwe mu mashyamba ya RDC na FDLR baratahutse

Abanyarwanda batahutse biganjemo abana kuko ari 177, abagore 75 naho abagabo ni 25.

Bamwe bavuze ko batinda gutaha kuko baba barafashwe bugwate n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR wababwiraga ko nibagera mu Rwanda bazagirirwa nabi.

Bavuga kandi ko kuri ibyo haniyongeraho ubuzima bubi baba babayemo mu buryon butandukanye, ari ibibatunga n'ihohoterwa rikorerwa abagore, bafatwa ku ngufu.

Umwe muri bo yagize ati: “Batubwiraga ko abantu batashye baba badafite umutekano, batabaho, ubwo tugahora gutyo ndetse no kuva mu bandi bikaba bigoye kugira ngo ushobore kuba wagera kure yabo, ubone abaguha amakuru nyayo.”

Undi yagize ati: “Amagambo y'abantu aca intege ngo dore urashaje waje uri umukobwa usaziye muri Congo. Ese urwo Rwanda urarujyamo, mbega u Rwanda turumva nta kigenda, shobora ugume hano muri Congo, ibyo bikansha intege.

Imihangayiko twarimo ni myinshi, hari abafatwaga ku ngufu, ntibatinyaga n'abakecuru, imirire mibi, ni byinshi cyane.”

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu Mulindwa Prosper, wabakiriye, yabahumurije ababwira ko icyabirukansaga batazongera guhura nacyo kandi bagiye guhabwa serivisi zibasubiza mu buzima busanzwe.

Ati: “Amafaranga babarira buri muryango, muntu mukuru ahabwa amadolari 188 buri umwe, umwana uri munsi muto akabarirwa amadolari 113, kuri yo hari n'andi yiyongeraho 45 y'ibiribwa bizabatunga mu gihe cy'amezi 3, baba bafite icyo batangiriraho kandi ayo mafaranga n'ubusanzwe n'abandi Banyarwanda ntibakoresha arenze ayo iyo bari gutangira ubuzima.”

Yakomeje asobanura ko hari n'izindi gahunda nka VUP bakora imirimo y'amaboko bagahembwa kimwe n'amafaranga agurizwa abafite ubushobozi n'ubushake bwo gukora.

Igikorwa cyo gucyura Abanyarwanda cyashingiye ku myanzuro yafatiwe mu nama y'u Rwanda, RDC n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe impunzi (HCR) yabereye i Addis Abeba muri Ethiopie tariki ya 24 Nyakanga 2025.

SHEMA Ivan

# U Rwanda rwasabye ubufatanye bw'Ingabo zirwanira ku butaka muri Afurika

***G**uverinoma y'u Rwanda yasabye Abagaba b'Ingabo zirwanira ku Butaka mu bihugu bitandukanye bya Afurika kugira uruhare rugaragara n'ubufatanye mu guhangana n'ibibazo bikomeye by'umutekano bikibangamiye iterambere ry'umugabane.*

Minisitiri w'Ingabo Juvenal Marizamunda, yabigarutseho ku wa 22 Ukwakira 2025, ubwo yasozaga Inama mpuzamahanga yari imaze iminsi ibiri ibera i Kigali yahuje abagaba b'ingabo zirwanira ku butaka izwi nka 'Land forces Commanders symposium'.

Minisitiri Marizamunda yashimiye abitabiriye inama ku ruhare rwabo mu biganiro byabaye, ashimangira ko ubufatanye by'umwihariko mu mahugurwa ahuriweho no gusangira ubumenyi ari ingenzi mu kubaka ejo hazaza h'amahoro n'amajyambere muri Afurika no ku isi muri rusange.

Yagize ati: “Mwaganiriye ku mpinduka ziri kuba mu mutekano ku isi no mu karere, ndetse mwiyemeza kubaka ubushobozi, ubunyamwuga, n'ubushake bwo guhora mwiteguye kuba nk'ingabo zirwanira ku butaka.”

Yakomeje agaragaza ko ibiganiro byabaye byibukije ko turimo bigoye ariko ko ingabo zirwanira ku butaka ari zo zitabara mu bihe bikomeye.

Ati: “Turi mu gihe kigoye kigaragaza ibibazo by'umutekano byigaragaza mu ntambara, ibibazo by'umutekano muke byambukiranya imipaka, ndetse n'ibindi bisaba ibisubizo bikwiye.

Muri ibi bihe, uruhare rw'ingabo zirwanira ku butaka ni ingenzi cyane. Nizo zitabara mu bihe bikomeye, zigahagarika imvururu, kandi zigashyiraho umusingi w'amahoro.”

Ubwo Perezida w'u Rwanda akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo zarwo Paul Kagame, yabibukije ko ibibazo by'umutekano Afurika ihanganye na byo byose ishoboye kubyikemurira, kandi ko nta nshingano amahanga afite yo kwikorera uwo mutwaro.




Minisitiri w'Ingabo Juvenal Marizamunda, yasabye Abagaba b'Ingabo zirwanira ku Butaka kugira uruhare mu guhangana n'ibibazo by'umutekano ku mugabane wa Afurika

Ati: “Twe kumva ko abandi bazikorera umutwaro n'inshingano zo gucunga umutekano wa Afurika. Nta bibazo duhanganye na byo birenze ubushobozi bwacu ku buryo tutabyikemurira.”

Iyi nama yabaga ku nshuro ya kabiri yitabiriwe bihugu 19 birimo; u Burundi, u Bufaransa, Benin, Nigeria, Tchad, Gambia, Kenya, Malawi, Mortania, Uganda, Guinea, Jordan, Morrocco, Sudani y'Epfo n'ibindi bitandukanye bihagarariwe.

Ikaba yari ifite insanganyamatsiko igira iti 'Gukoresha ubushobozi bw'Ingabo zirwanira ku butaka mu gushyira mu bikorwa neza ingamba z'Amahoro n'Umutekano'.

Nyuma yo gusoza inama, abagaba b'ingabo zirwanira ku butaka basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali aho bunamiye inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi.





ZIGAMA Theoneste

# Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirije RIB dosiye z'abayobozi bakuru 5

***U**rwego rw'Umuvunyi rwatangaje ko mu mwaka wa 2024/2025 rwashyikirije Urwego rw'Ubugenzacyaha RIB, dosiye z'abayobozi bakuru 5, kugira ngo bakorweho iperereza ryimbitse rijyanye no kutabasha gusobanura inkomoko y'imitungo yabo n'ibijyanye n'iyezandonke.*

Byatangajwe n'Umuvunyi Mukuru Nirere Madeleine, ku wa Kabiri tariki ya 21 Ukwakira 2025, ubwo yagezaga ku Nteko Ishinga Amategeko imitwe yombi raporo y'ibikorwa by'urwo rwego byo mu mwaka wa 2024/2025, hamwe n'ibiteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026.

Inshingano yo gutanga inyandiko zigaragaza umutungo w'umukozi wa Leta igenwa n'itegeko ryo mu 2021 rigenga imenyekanishamutungo, riteganya ko abayobozi ba Leta bagomba kohereza izo nyandiko mu buryo bw'ikoranabuhanga ku Biro by'Urwego rw'Umuvunyi buri mwaka, bitarenze tariki ya 15 Gicurasi.

Iryo tegeko rikurikizwa ku bakozi batandukanye ba Leta, barimo abayobozi bakuru nka Perezida wa Repubulika, Minisitiri w'Intebe, Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta, abayobozi b'Inteko Ishinga Amategeko, abo mu Rukiko rw'Ikirenga, n'abandi bayobozi bakuru mu nzego za Leta.

Rireba kandi abagize Ingabo z'u Rwanda (RDF), abapolisi, abakozi b'Urwego rw'Igorora, abacamanza n'abashinjacyaha, abagenzacyaha, abakozi b'amashyaka ya politiki, abakozi ba Leta bashinzwe imari n'imitungo ya Leta, abanditsi b'impapuro mpamo, ndetse n'abayobozi mu nzego z'ibanze barimo Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'Utugali.

Nk'uko bigaragara muri raporo y'Urwego rw'Umuvunyi, abantu 19 707 bakorera Leta basabwaga gutanga inyandiko zigaragaza umutungo wabo.

Muri bo, 19 697 barazitanze, bihwanye na 99,95%, bakaba baragabanyutse ugereranyije n'umwaka ushize aho ubwitabire bwari kuri 99.94 ku ijana.

Ni mu gihe abantu umunani batabashije gusobanura neza inkomoko y'umutungo wabo, aho dosiye eshatu zikiri mu rwego rwo gukusanya amakuru.

Dosiye eshanu zasanzwemo ibibazo bifitanye isano no guhimba inyandiko no kunyereza amafaranga mu buryo bunyuranyije n'amategeko, zashyikirijwe RIB kugira ngo hakorwe iperereza ryimbitse.



Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirije RIB dosiye 5 z'abayobozi bakuru bakekwaho ruswa niyezandonke

Abantu 10 gusa, bangana na 0.05%, ni bo batatanze inyandiko zigaragaza umutungo wabo muri uyu mwaka w'ingengo y'imari, bigaragaza ko biyongereyeho gato, ugereranyije n'abantu 12 batabikoze mu mwaka wa 2023/2024.

Umuvunyi Mukuru Nirere ati: “Abantu icumi batatanze inyandiko z'umutungo wabo basabiwe ibihano bijyanye n'akazi, birimo guhagarikwa ku mushahara w'ukwezi kumwe nk'uko biteganywa n'amategeko.”

Yongeyeho ko nta muyobozi wo mu mwaka wabanje wasabiwe icyo gihano wongeye gukora ikosa nk'iryo.

Ati: “Abahanwe umwaka ushize ntibongeye gukora iryo kosa, kuko baba batinya kongera guhomba umushahara. Ibihano byiyongera buri gihe habayeho kongera gukora ikosa, kuva ku guhagarikwa ku mushahara w'ukwezi kumwe ku nshuro ya mbere, kugeza ku mezi abiri ku nshuro ya kabiri, no ku mezi atatu ku nshuro ya gatatu.”

Uretse ibyo, hakorwa n'iperereza ryimbitse rigamije kumenya impamvu zatumye umuntu atamenyekanisha umutungo we, kandi ibyo bishobora kugira ingaruka zikomeye cyane mu gihe byaba bifitanye isano n'ikoreshwa ry'amafaranga mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa ruswa”.

Urwego rw'Umuvunyi rwatangaje ko imitwe ya politiki 11 yemewe mu Rwanda yose yatanze inyandiko zigaragaza umutungo wayo, kandi yose yemejwe ko adafitanye isano n'iyezandonke.

Abakozi ba Leta bose hamwe batangaje umutungo ugizwe n'ibintu 6 338 nk'uko amategeko abiteganya.

Urwego rw'Umuvunyi rusobanura ko mu mwaka wa 2024-2025 abayobozi n'abakozi ba Leta 6 338 bagenzuriwe inkomoko y'umutungo bari mu nzego za Leta zinyuranye zatoranyijwe hakurikijwe ko izo nzego zitanga serivisi ku baturage benshi kandi n'imyanya barimo ishobora kubonekamo ibyuho bya ruswa.

Hari kandi abantu bakorewe igenzura ry'umutungo kubera amakuru yerekeranye na ruswa yatanzwe.

Mu 2024/2025 hagenzuwe abayobozi 2 283 bakora mu bigo 6, Umujyi wa Kigali n'Uturere 2, hagenzurwaga abashinzwe imari, umutungo, ubugenzuzi, imyubakire n'amasoko.


Abantu 2 ntibashoboye gusobanura inkomoko y'umutungo wabo, raporo yabo yashyikirijwe RIB ngo bakorerwe iperereza.

Iyo raporo y'Urwego rw'Umuvunyi kandi igaragaza ko Minisiteri 2, ibigo 10 n'Uterere 2, byagenzuwemo abakozi 1 450 bashinzwe imari, umutungo, ubugenzuzi, imyubakire amasoko, imishinga n'imisoro.

Muri abo abantu 3 ntibashoboye gusobanura neza inkomoko y'umutungo wabo bakaba bagikorerwa igenzura rirambuye.

Muri raporo y'umwaka ushize wa 2023/2024, Urwego rw'Umuvunyi rwari rugikurikirana inkomoko y'umutungo w'abantu 3 batari batanze ibisobanuro byuzuye. Umuntu 1 ntiyashoboye gutanga ibisobanuro nyakuri ku nkomoko y'umutungo we bituma raporo ye ishyikirizwa RIB ngo imukoreho iperereza naho abantu 2 bashoboye gutanga ibisobanuro byumvikana

# Amb. Urujeni Bakuramutsa yatanze impapuro zo guhagararira u Rwanda mu Busuwisi



Ambasaderi Bakuramutsa na Perezida Keller-Sutter

UBWANDITSI

***Ku wa Kane tariki ya 23 Ukwakira 2025, Ambasaderi w'u Rwanda Uhoraho ku Cyicaro Gikuru cy'Umuryango w'Abibumbye i Geneva, yashyikirije Perezida Karin Keller-Sutter impapuro zimwemerera guhagararira u Rwanda mu Busuwisi.***

Ni umuhango wabereye mu Ngoro ya Perezida i Bern mu Murwa Mukuru w'u Busuwisi, ukaba ukurikiye ibiganiro bya mbere bya Politiki byahuje u Rwanda n'u Busuwisi ku wa 2 Kamena 2025,

Ibyo biganiro byabereye i Kigali byaharuye inzira zo kurushaho kwimakaza ubutwererane mu nzego zirimo uburezi, ubuzima, guhanga udushya no guharanira iterambere rirambye.

Ambasaderi Bakuramutsa na Perezida Keller-Sutter wamwakiriye bunguranye ibitekerezo ku nzira zo kurushaho kwimakaza ubutwererane mu rwego rw'ubukungu n'ishoramari, harimo n'urugendo rwo gukuraho gusoresha ibicuruzwa kabiri mu rwego rwo kurushaho kwimakaza ikirere cy'ubushuti n'ubucuruzi burambye.

Nanone kandi abayobozi bombi bunguranye ibitekerezo ku butwererane hagati y'Ikigo Mpuzamahanga cy'Imari cya Kigali (KIFC) n'ibigo by'imari byo mu Busuwisi mu rugendo rwo guteza imbere urwego rw'imari rurambye, ishoramari mu mishinga irengera ibidukikije, udushya mu ikoranabuhanga rikoreshwa muri urwo rwego, ndetse n'ishoramari ritanga umusaruro ufatika.

Ku rundi ruhande, ibiganiro byabo byagarutse no ku bufatanye bw'urwego rw'abikorera mu bihugu byombi, ishoramari rishyigikiwe no guhanga udushya, ndetse no kongera ubutwererane bushingiye ku muco hadasigaye n'ubufatanye bukorwa hagati y'abaturage mu kurushaho kwimakaza ubwumvikane n'imikoranire ihamye y'ibihugu byombi.

I Bern, Amb. Bakuramutsa yanaganiriye n'abayobozi banyuranye bo mu Ishami rishinzwe Ububanyi n'Amahanga (FDFA), Ikigo cy'u Busuwisi gishinzwe Iterambere n'Ubutwererane (SDC), ndetse n'Ubunyamabanga bwa Leta bushinzwe Ubutwererane mu Bukungu (SECO).

Ibiganiro n'abo bayobozi byibanze ku kurushaho guteza imbere ubutwererane busanzwe hagati y'ibihugu byombi, kandi bukomeje kwaguka binyuze mu biganiro bya Politiki.

Gutanga impapuro zimwemwemerera guhagararira u Rwanda mu Busuwisi kwa Bakuramutsa, bije bikurkiye ishyirwaho rya Ambasaderi w'u Busuwisi mu Rwanda ufite icyicaro i Kigali, ku wa 15 Ukwakira 2025.

# U Rwanda na Arabie Saoudite bagiye kuganira ku nzego nshya z'ubutwererane



Harimo kurebwa uko u Rwanda na Arabie Saoudite baganira ku nzego nshya z'ubutwererane, ibihugu byombi byakoranamo

KAYITARE Jean Paul

***Minisiteri y'Ububanyi n'amahanga n'Ubutwererane yatangaje ko u Rwanda na Arabie Saoudite baganiriye ku nzego nshya z'ubutwererane, ibihugu byombi byakoranamo.***

Ni mu biganiro byahuje Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Olivier Nduhungirehe, na Waleed bin Abdulkarim El-Khereiji, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga Wungirije wa Arabie Saoudite.

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yanditse ku rubuga rwa X, iti: "Ibiganiro byabo byibanze ku kongerera imbaraga ubufatanye hagati y'u Rwanda na Arabie Saoudite no kureba inzego nshya ibihugu byombi byakoranamo."

U Rwanda na Arabie Saoudite bisanzwe bifitanye umubano mu nzego zitandukanye ndetse ibihugu byombi bikunze gushyigikirana.

U Rwanda rufatanya na Arabie Saoudite mu nzego z'ubuvuzi, uburezi, ingufu n'ibikorwaremezo.

Andi mahirwe yo kongera ubufatanye ari mu rwego rw'ikoranabuhanga, urw'imari, ubukerarugendo, ubucuruzi n'ishoramari muri rusange.

By'umwihariko Arabie Saoudite ni isoko ryagutse ry'umusaruro w'ubuhinzi woherezwa mu mahanga by'umwihariko imboga n'imbuto bituruka mu Rwanda.

Mu 2021 Guverinoma y'u Rwanda n'Ubwami bwa Arabie Saoudite byasinyanye amasezerano y'ubufatanye, yasangaga andi ibihugu byombi byari bisanzwe bifitanye mu bya Dipolomasi yasinywe mu 2018.

# Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yakiriye mu biro bye Ambasaderi w'u Bufaransa mu Rwanda

KAYITARE Jean Paul

***Ibiro bya Minisitiri w'Intebe Dr. Justin Nsengiyumva byatangaje ko ku wa 22 Ukwakira 2025, yakiriye Aurélie Royet-Gounin, Ambasaderi w'u Bufaransa mu Rwanda.***

Ubutumwa bw'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe bugira buti: "Bagiranye ibiganiro byibanze ku gushimangira umubano usanzweho no kwagura ubufatanye hagati y'ibihugu byombi."

Nyuma y'uko umubano w'ibi bihugu byombi wamaze igihe utameze neza kubera uruhare abari abayobozi b'Ubufaransa bagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994, ubu umubano w'u Bufaransa n'u Rwanda uri ku rwego rushimishije haba mu burezi, mu ikoranabuhanga, n'ahandi.

Ibi byashimangiwe n'uruzinduko rw'iminsi ibiri Umukuru w'Igihugu cy'u Bufaransa, Emmanuel Macron, yagiriye mu Rwanda tariki 27 Gicurasi 2021, rwarushijeho kunoza umubano w'ibi bihugu byombi.



Minisitiri w'Intebe Dr. Justin Nsengiyumva yatangaje ko yakiriye Aurйlie Royet-Gounin, Ambasaderi wu Bufaransa mu Rwanda





# Abashoramari b'u Rwanda na Tunisia binjiye mu bufatanye mu iterambere




Abashomari b'u Rwanda na Tunisia batangije ihuriro rya mbere rihuza abayobozi b'ibigo by'ubucuruzi n'abashoramari

ZIGAMA Theoneste

***Abashomari b'u Rwanda na Tunisia batangije ihuriro rya mbere rihuza abayobozi b'ibigo by'ubucuruzi n'abashoramari mu bihugu byombi kugira ngo bashakishe amahirwe y'ubucuruzi, ishoramari, n'ubufatanye.***

Ni uhuriro ryatangijwe ku wa Kabiri tariki ya 20 Ukwakira i Kigali, mu nama y'iminsi 4, izageza tariki ya 23 Ukwakira ibahuje, ikaba yarateguwe na FIE Consult Rwanda, ikigo cy'u Rwanda gishinzwe ubujyanama ku micungire y'imishinga, gifatanyije na Ambasade ya Tanizia muri Kenya ndetse n'ikigo cya Tunisia gishinzwe ishoramari ryo hanze y'Igihugu.

Ni ihuriro rigamije kubaka ubukungu bunyuze mu gushyigikira mu bucuruzi binyuza mu gusangira ubumenyi n'ubunararibonye hagati ya Tunisia n'u Rwanda.

Ambasaderi Wungirije wa Tunisia muri Kenya, Sofiene Dridi yagize ati: "Kubera iki twahisemo u Rwanda? Ni amahitamo asobanutse kubera ko borohereza ubucuruzi, hakorerwa ibintu bitandukanye kandi hari gahunda zo guhanga udushya mu by'ubukungu".

Dridi yashimangiye ko ari ryo huriro ry'ubucuruzi, Tunisia yinjiyeyo bwa mbere ifatanyije n'u Rwanda, ariko avuga ko atari bwo bwa nyuma bakoranye.

Yavuze ko gufatanya kwa kompanyi z'ubucuruzi z'u Rwanda na Tunisia bazungukiramo byinshi.

Ati: "Ni ngombwa ko ibigo by'u Rwanda n'inzego zitandukanye bimenya Tunisia, kandi n'abanya-Tunisia bakamenya u Rwanda. Tugomba gusangira amakuru, isoko, ibyifuzo n'imbaraga kuri buri ruhande rufite".

Yagarutse ku nzego zifite amahirwe akomeye yo gukorerwamo ubufatanye nk'urw'ubumenyi mu ikoranabuhanga (ICT), ikoranabuhanga mu by'umutekano wa mudasobwa (cyber technology), inganda, ibiribwa bikomoka ku buhinzi, n'ubuzima.

Yongeraho ati: "Izo nzego ni zo zituma ubukungu bwacu bugira imbaraga kandi bukaba butajegajega. Itsinda riri hano ryaje gushaka amahirwe y'ubufatanye ashobora kuvamo imikoranire iha isura nshya ubutwererane bwacu."

Uretse ubucuruzi, Dridi yashimangiye ko umuco n'ubusabane hagati y'abaturage ari ingenzi mu gukomeza ubufatanye bw'ubukungu buhamye.

Umuyobozi w'Ishami ry'Ubucuruzi mu Rugaga rw'Abikorera mu Rwanda (PSF), Bazihama Jean Paul yavuze ko nubwo ibi bihugu bitandukanywa n'intera ndende, u Rwanda na Tunisia bifite intego zihuriyeho zirimo guteza imbere inganda, guhanga udushya, koroshya ubucuruzi no guha urubyiruko amahirwe.

Yagize ati: "Dufite ubushake bwo gukorana n'amakampani yo muri Tunisia mu nzego zirimo iby'ibikoresho by'ubwubatsi, itunganywa ry'ibikomoka ku buhinzi, imiti n'ubuvuzi, ikoranabuhanga, ingufu zisubira, ubukerarugendo, n'inganda zitandukanye."

Yunzemo ati: "Tunizia izanye ubunararibonye buhambaye mu by'ubuhinzi n'inganda, mu bwubatsi, mu ikoranabuhanga n'itumanaho (ICT), ndetse no mu bucuruzi. Binyuze muri ubu bufatanye, ibihugu byombi bishobora kubaka inganda zihuza impande zombi kandi bigateza imbere ubucuruzi hagati y'ibihugu bya Afurika".

Umuyobozi w'Ikigo cya Tuniziya gishinzwe guteza imbere ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga (Tunisia Export Promotion Centre), Walid Ben Moussa, giherereye i Nairobi, yavuze ko iki gikorwa cyabereye mu Rwanda hagamijwe gusuzuma amahirwe ari mu guteza imbere no kwamamaza ibicuruzwa.

# Minisiteri y'Uburezi yagaragaje AI nk'igisubizo cy'abarimu badahagije

KAYITARE Jean Paul

***Minisiteri y'Uburezi, MINEDUC, itangaza ko Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Muntu Buhangano (AI) ryaba igisubizo cy'abarimu badahagije ndetse n'ubucucike bw'abanyeshuri mu cyumba cy'ishuri.***

Minisitiri w'Uburezi, Dr. Joseph Nsengimana, avuga ko iri Koranabuhanga ry'Ubwenge Muntu Buhangano ryanatanga umusanzu mu kunoza ireme ry'uburezi.

Yabigarutseho mu nama Nyafurika yiga ku hazaza h'Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Muntu Buhangano (AI).

Yagize ati: "Iyo turebye iyi AI n'uburyo yakoreshwa mu burezi, kubera y'uko ifasha abanyeshuri, dushobora kuyifashisha cyane cyane igihe tudafite abarimu bahagije cyangwa se dufite ubucucike."




Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph, yagaragaje ko Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Muntu Buhangano ari ingenzi mu myigire

Avuga ko iyo umwarimu ari umwe akaba yigisha abanyeshuri 30 cyangwa 40 n'ubwo biba bitoroshye ariko ko bikunda. Mu gihe ishuri ritangiye kurenza uwo mubare ukajya muri 60 na 70 Minisitiri Dr Nsengimana avuga ko bitoroha.

Akomeza agira ati: "AI icyo ifasha, ni uko ishobora kujya igufasha kugira ngo na ba bana barenze wa mubare, na bo ushobore kubitaho kuko akenshi irakubwira iti uyu mwana arimo arakora atya, uriya arimo arakora atya noneho ukabibonera hamwe ukaba wavuga uti reka mpindure uburyo ndimo nigisha kubera ko hari abana mbona batabyumva neza."

Minisiteri y'Uburezi igaragaza ko Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Buhangano ryafasha mu kwereka umwarimu ko abana bakeneye ubundi bufasha burenzeho kuko ituma ushobora gukurikirana abana benshi kurusha uko umwarimu yabikora wenyine atayifite.

Abafatanyabikorwa mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu burezi bw'u Rwanda, bavuga ko ikoranabuhanga ritagamije gukuraho imirimo isanzwe ku batarikoreshaga, ahubwo ko rigamije kubafasha koroherwa n'akazi no kugakora neza, kandi vuba kugira ngo umwanya watakaraga ukorwemo ibindi bijyanye no guhanga udushya, no kuvumbura impano zikeneye kuzamurwa no gutezwa imbere.

Urugero rutangwa mu bituma ikoranabuhanga ryoroshya uburezi, ni ugukosora ibazwa ry'abanyeshuri, aho umwarimu ashobora gutegura ibibazo ku banyeshuri 100, abana bakabikora mu minota itanu, akabikosora mu gihe kitarenze umunota.

# Nyamasheke: Guhashya ba rushimusi byakubye inshuro 4 umusaruro w'uburobyi

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Gushyira imbaraga mu kurwanya ba rushimusi bangizaga abana b'isambaza n'indugu mu kiyaga cya Kivu gifunze zatumye umusaruro wikuba inshuro zirenga 4, kuko mu minsi 10 gusa uburobyi busubukuwe harobwe toni 62 n'ibilo 746 by'isambaza n'indugu mu gihe mbere baroba ibilo biri hagati ya 400 na 750 ku munsi.***

Muhigirwa Pierre, umurobyi wo mu Murenge wa Nyabitekeri, avuga ko abakoresha imitego itemewe mu kwangiza utwana tw'isambaza bahombya igihugu cyane.

Ati: "Nk'urugero hari umutego witwa igikuruzo. Ni supaneti zigera kuri 25 bazingira hamwe, hari n'abageza kuri 30. Zikurura utwana n'amagi n'ibyari zarikagamo ku buryo iyo ukuruye rimwe gusa uba ukuruye isambaza zarobwa n'abarobyi b'Akarere kose ijoro ryose. Na Kaningini ni mbi cyane kuko yo inagira ubumara bwangiza utwana tw'isambaza, wawutegesha umusaruro ukangirika cyane."

Bibakumana Fidèle na we w'umurobyi yagize ati: "Turashimira cyane buri wese wagize uruhare mu kurwanya ba rushimusi kugira ngo umusaruro wongere uboneke kuko twafunze uburobyi ukoresha ikipe aroba hagati y'ibilo 4 na 10. Ubu arabona ibilo 312 nubwo byadutwaye imbaraga duhashya abo bangizi, imbaraga zacu ntizapfuye ubusa, umusaruro urigaragaza."

Abacuruzi b'isambaza n'abaguzi bazo bavuga ko borohewe.

Mukamazimpaka Esther uzicuruza, ati: "Bimeze neza rwose turazibona. Twafunze ibase y'ibilo 24 igeze ku mafaranga 160 000, ubu ni hagati y'amafaranga 80 000 na 90 000. Biratuma n'ushaka iza 500 n'iza 200 azibona, bifashe kurwanya imirire mibi mu bana."

Mukamana Athanasie waganiriye na Imvaho Nshya aje kuzigura, yagize ati: "Muri iyi minsi abana bacu bafashwe neza cyane, nta bibazo by'imirire mibi,kuko uragura n'udusambaza rwa 200 ugatekera umwana. Turasaba abayobozi, inzego z'umutekano n'abarobyi gukomeza gushyiramo imbaraga."

Umuyobozi w'ihuriro ry'amakoperative y'uburobyi mu Karere ka Nyamasheke Mugenzi Gerard, avuga ko uburobyi mu kiyaga cya Kivu bwahagaritswe amezi 2, kuva ku wa 10 Kanama kugeza ku wa 10 Ukwakira 2025, hagamijwe ko isambaza n'indugu byongera bikororoka, umusaruro ukiyongera.

Ati: "Ku munsi wa mbere twari twarobye toni 1 n'ibilo 450, mbere yuko dufunga twari tugeze ku bilo hagati ya 400 na 750 ku munsi."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage Mukankusi Athanasie, avuga ko imbaraga zashyizwe mu kuganiriza abarobyi ubwabo bakaba aba mbere mu guhashya ba rushimusi kuko abenshi babaga ari bamwe muri bo.

Ati: "Habayeho kuganiriza n'abayobozi b'Inzego z'ibanze bo mu Mirenge ikora ku kiyaga cya Kivu, bihanangirizwa ko uzafatwa akingira ikibaba cyangwa afatanya na ba rushimusi azabihanirwa bikomeye, basabwa imbaraga n'ubufatanye n'izindi nzego mu kubahashya, none ni wo musaruro twishimira byatanze, tugomba gukora ibishoboka byose ngo izi mbaraga n'ubu bufatanye ntibizasubire inyuma."

Umuyobozi Mukuru w'agateganyo wa RAB, Dr. Uwituze Solange, avuga ko muri rusange umusaruro wiyongera bigaragara nyuma y'ifungura ry'ikiyaga cya Kivu kuko ifungwa riba umusaruro waragabanyutse cyane.

Ati: "Iyo ifungura rigeze amafi aba yungutse uburemere bwinshi. Aba yararuhutse yaranabonye umwanya wo kororoka."

Ati: "Nk'urugero rw'umusaruro unyuzwa ku myaro yemewe mu makoperative y'ihuriro, umusaruro ugereranyije na mbere ya Kanama 2025, muri Rubavu umusaruro wavuye ku bilo 400 ku munsi ubu ni ibilo 2 947, Rutsiro byavuye ku bilo 800 bigera ku 5 317, Karongi byari ibilo 600bigera ku 1 121,5; Rusizi byavuye ku bilo 300 bigera ku 2 214, Nyamasheke byari ibilo 800 bigera kuri 6 400,1.

Ashishikariza abarobyi gukomeza kubahiriza igihe cy'ifunga n'ifungura n'imikoranire inoze igakomeza hagati yabo n'inzego z'ubugenzuzi kugira ngo hahashywe ba rushimusi kimwe no kongera umusaruro binyuze mu buryo bugezweho bwo korora amafi no gukoresha imitego yemewe ngo intambwe imaze guterwa idasubira inyuma.


Gufunga uburobyi no gukaza umutekano byazamuye umusaruro w'uburobyi

# Uburinganire ni inyungu rusange, si intambara y'abagabo n'abagore'

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu bagera kuri 450, bari mu Kigo cy'Ubutore cya Nkumba basobanurirwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, ngo bazabigeze no ku bandi, bavuga ko atari inyungu bwite z'umuntu, ari inyungu rusange kandi ko atari intambara y'abagabo n'abagore.***

Ni ubutumwa bwatanzwe na bamwe mu bahuguwe ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bikigaragara ko hakwiye impinduka mu myumvire.

Kabasindi Chantal, umwe mu banyeshuri biga muri kaminuza witabiriye aya mahugurwa, yavuze ko abona ari amahirwe akomeye kuri bo, kuko azabafasha kugira uruhare mu gusobanurira bagenzi babo ibyiza by'ihame ry'uburinganire.

Yagize ati: "Aya mahugurwa yari akenewe cyane, kuko hari imyumvire ikiri hasi ku bijyanye n'uburinganire. Tugiye gufasha abandi gusobanukirwa ko uburinganire ari inyungu rusange, si intambara y'abagabo n'abagore."

Mukashyaka Clarisse, uhagarariye Inama y'Abagore mu Karere ka Musanze, mu Murenge wa Shingiro, yavuze ko aya mahugurwa azagira uruhare mu kubaka umuryango utekanye.

Yagize ati: "Amahugurwa nk'aya azafasha abaturage kubana mu mahoro, kurwanya ubushoreke n'ubuharike, no kumvikanisha ko umugabo n'umugore

KOMEZA KU RUP.19





IBIKURIKIRA URUP.18

bakwiye kuzuzanya mu bitekerezo. Hari aho abagore bateshukiraga ku nshingano, abandi bagabo bakibwira ko ari bo bonyine bafite ijambo. Aya mahugurwa azadufasha guhindura iyo myumvire,"

Pasitori Dieudonné Hategekimana wo mu Karere ka Kamonyi, Umurenge wa Rukoma, yavuze ko azifashisha ijambo ry'Imana mu kwimakaza ihame ry'uburinganire mu baturage bo mu gace aturukamo.

Yagize ati: "Mu gace k'iwacu hari abagore bakitinya, bakumva ko ntacyo bakora imbere y'abagabo babo. Aya mahugurwa azamfasha kubereka ko ijambo ry'Imana ridahabanye n'uburinganire, ahubwo ribusigasira,"

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Uwimana Consolee, yasabye abitabiriye amahugurwa yo kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye kuba umusemburo w'impinduka mu Banyarwanda.

Ubwo yasuraga abari mu mahugurwa, yabashishikarije gugasenyera umugozi umwe mu kurandura imyumvire ikibangamira amahitamo y'u Rwanda yo guteza imbere uburinganire.

Yagize ati: "Abitabiriye aya mahugurwa mube umusemburo w'impinduka aho muherereye. Igihugu kirabakeneye kugira ngo mukomeze gusenya imyumvire ishaje ibangamira uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango nyarwanda."

Yabibukije ko kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye, byatumye u Rwanda ruba kimwe mu bihugu by'icyitegererezo ku Isi mu guteza imbere umugore no kubaka imiyoborere ishingiye ku buringanire kandi ko Igihugu kibategerejeho byinshi mu rugendo rwo kubaka umuryango nyarwanda ushingiye ku bwuzuzanye.

Abahuguwe bagera ku 450, barimo abagore, abagabo n'urubyiruko rugera ku 150, barimo abiga muri za kaminuza, bazahugura abandi kugira ngo bafashe mu gukwirakwiza ubumenyi ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu baturage bose, hagamijwe kubaka u Rwanda rwuzuyemo amahirwe angana ku bagabo n'abagore.


Bamwe mu bari mu mahugurwa bafite intego yo gusangiza abandi ubumenyi bungutse ku buringanire n'ubwuzuzanye

# Musanze: Abofisiye 75 basoje amasomo yo kuyobora abandi

NGABOYABAHIZI Protais

***Abofisiye 75 barimo 71 b'Ingabo z'u Rwanda, babiri ba Polisi y'u Rwanda (RNP) na babiri bo mu Rwego rw'Igihugu rw'Igorora (RCS) basoje amasomo y'abashinzwe imirimo y'ubuyobozi bwa gisirikare mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Nyakinama, riherereye mu Karere ka Musanze.***

Abo bofisiye barangije icyiciro cya 25 cya gahunda ya Junior Command and Staff Course (JCSC 25) cyamaze amezi atanu, aho bigishijwe amasomo ajyanye no kuyobora Ingabo no kuzirwanisha ku rwego rwa Brigade.

Bamwe mu basoje aya masomo bavuga ko bahungukiye ubumenyi buzatuma banoza inshingano zabo kandi bakore kinyamwuga.

Maj. Jackson Karama, umwe mu basoje amasomo akanagaragazwa nk'indashyikirwa mu banyeshuri bitwaye neza mu masomo n'imyitwarire ndetse no kubahiriza gahunda kimwe n'ikinyabupfura kiranga ingabo z'u Rwanda, yavuze ko ubumenyi bahawe bugiye kubafasha kurushaho gutanga umusanzu mu kubungabunga umutekano no kuyobora neza ingabo bashinzwe.

Yagize ati: "Aya masomo atwigishije byinshi ku buyobozi, ku mikoranire n'abandi no ku mitegurire y'ibikorwa bya gisirikare. Tuzakoresha neza ubumenyi twahawe kugira ngo tugirire igihugu akamaro."

Maj. Dinah Mutesi, na we ni umwe mu basoje aya masomo, yashimangiye ko ibyo bigishijwe ari ingirakamaro ku mirimo yabo ya buri munsi.

Yagize ati: "Twungutse byinshi mu bijyanye no gufata ibyemezo no kuyobora abasilikare mu bihe bitandukanye. Aya masomo azatuma turushaho gukora kinyamwuga kandi dutange umusaruro ushimishije, aya masomo twari tuyakeneye kandi nshima ko RDF buri gihe ikarishya ubumenyi bw'ingabo."

Umugaba w'Ingabo z'u Rwanda zirwanira ku butaka, Maj. Gen. Vincent Nyakarundi, wari umushyitsi mukuru muri uyu muhango, yashimye uburyo amasomo yateguwe, asaba abasirikare basoje amasomo kuyashyira mu bikorwa mu buryo bunoze.

Yagize ati: "Ubumenyi mwahawe ni intwaro ikomeye. Mugomba kubukoresha neza, mukayobora abandi mu murongo w'ubunyangamugayo, ubwitange no gukunda Igihugu.

Ndashimira kandi imiryango yanyu na yo yakomeje kubaba hafi no kubashyigikira, Igihugu kizakomeza gukora byose kugira ngo mwuzuze inshingano zanyu harimo kubongerera ubumenyi n'ibindi nkenerwa mu mirimo yanyu ya buri munsi."

Amasomo y'abayobozi bashinzwe imirimo y'ubuyobozi bwa gisirikare agenerwa abofisiye bo ku rwego rwo hagati, agamije kubongerera ubumenyi mu bijyanye n'imiyoborere, igenamigambi rya gisirikare n'imikoranire n'izindi nzego z'umutekano mu gukomeza kubaka Igihugu gitekanye.



Abofisiye 75 bahuguwe ku buryo bwo kuyobora abandi

# Rutsiro: Bitwikiriye ijoro bajya kwiba amabuye y’agaciro 3 bahasiga ubuzima

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Tuyishime Jean Pierre w’imyaka 16, Niyonsenga Samuel w’imyaka 20 na Singuranayo Théogène w’imyaka 29 bapfuye ubwo bari mu bantu umunani bitwikiriye ijoro bakajya kwiba amabuye y’agaciro mu kirombe gicukurwamo koluta (coltan) na gasegereti (cassitérite) n’ikompanyi yitwa Aly Group & Holding Ltd.***

Muri abo bantu umunani bigabije ikirombe cy’abandi giherereye mu Mudugudu wa wa Kazizi, Akagari ka Kagano, Umurenge wa Mukura, Akarere ka Rutsiro, batatu bafashwe mu gihe abandi babiri bacitse bakaba bagishakishwa.



Abaturage bakanguriwe kwirinda ubucukuzi bw’amabuye yagaciro butemewe

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Mukura Ndayambaje Emmanuel, yavuze ko iby’aba bajura byamenyekanye mugicuku gishyira ku Cyumweru tariki ya 19 Ukwakira 2025.

Yavuze ko Kompanyi Aly Group & Holding Ltd yemerewe gucukura amabuye y’agaciro muri icyo kirombe yari yaragifunze kubera kon yari yaraharangije.

Ati: “Abo bajura baje, bane binjira mu mwobo w’icyo kirombe baracukura bashakisha amabuye yaba yarasigayemo. Abandi bane bari hejuru bayungurura imicanga irimo aya mabuye, bakoresheje amazi.”

Avuga ko ubwo aba bari hejuru bayungururaga bikanze abakozi b’iyi kompanyi barinda iki kirombe bariruka, abo barinzi babirukaho bafatamo babiri, abandi 2 baracika.

Ati: “Bakibafata, umwe muri bane barimo imbere mu mwobo w’ikirombe bacukura yumvise umwuka utangiye kubabana muke, arazamuka, akigera hejuru atangiye kwiruka agwa mu maboko y’abo barinzi, ababwira ko asize bagenzi be 3 mu mwobo batangiye kubura umwuka, akeka ko bapfuye.”

Abo barinzi bahise batanga amakuru muri icyo gicuku, mugitondo inzego z’umutekano, iz’ibanze n’ubuyobozi bwa Kompani barahagera, haza kateripilari iracukura basanga ba bandi bamaze gupfa.

Imirambo yabo yahise ijyanwa mu Bitaro bya Murunda gukorerwa isuzuma mbere yo gushyingurwa.

Abaturage bo mu Karere ka Rutsiro bavuga ko ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro butemewe bugiye kubamaraho abantu kuko nk’ubu bamaze kuba batandatu bapfiriye mu burombe mu Mirenge ya Mukura na Murunda mu minsi ine gusa.

Abo baturage bavuga ko no mu yindi Mirenge icyukurwamo amabuye y’agaciro hari abapfiramo ntibitangazwe, hakaba n’abahakuye ubumuga.

Umwe muri abo baturage yagize ati: “Hakwiye ingamba zikaze zo kurinda ibi birombe, hakanakorwa ubushakashatsi ku mpamvu abaturage biganjemo urubyiruko bakomeza kwiroha muri ubu bucukuzi butemewe, ntibabureke bazi ko hari abahagiye bakahasiga ubuzima.”

Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y’Iburengerazuba SP Sylvestre Twajamahoro, yemeje aya makuru, avuga ko bikiba Polisi yahise itabara abo 3 bakurwamo bapfuye, imirambo yabo ijyanwa mu Bitaro bya Murunda gukorerwa isuzuma.

Yagize ati: “Ubuyobozi bwa Polisi n’ubw’Inzego z’ibanze mu Karere ka Rutsiro, bwahise bukoresha inama abaturage, bubasobanurira ibibi byo kwishora mu bujura n’ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro butemewe, ko baba bashyira ubuzima bwabo mu kaga.”

Yakomeje asaba abacukura amabuye y’agaciro mu buryo bwemewe kujya bagira ubwishingizi bw’abakozi bakoresha, bakanubakira ibirombe byabo igihe bayacukura, kugira ngo hakumirwe impanuka za hato na hato zishobora gutwara ubuzima bw’abacukura.

BAHUWIYONGERA Sylvestre

# Kalabu z’ibidukikije zafashije abanyeshuri kurushaho kubikunda no kubibungabunga

***Abanyeshuri biga mu mashuri abanza n’ayisumbuye yo mu Turere twa Rusizi, Nyamasheke, Karongi, Nyamagabe na Nyaruguru dukora kuri Pariki y’Igihugu ya Nyungwe bari mu makalabu yo kurengera ibidukikije, bavuga ko yababereye ingirakamaro cyane mu kurushaho kubisobanukirwa no kubirinda, banabikangurira ababyeyi babo.***

Bavuga ko uretse kubyiga mu ishuri banabitoza abaturanyi n’ababyeyi babo, kuko bo bamaze gusobanukirwa n’akamro ko kubungabunga ibidukikije.

Igiraneza Lucien wiga mu wa 6 w’amashuri abanza muri GS Nkungu, mu Murenge wa Nkungu, Akarere ka Rusizi, avuga ko atarajyamo atari azi ko bibujijwe kujugunya imyanda aho umuntu abonye hose.

Ati: “Twabonaga bakuru bacu baragira mu ishyamba rya Cyamudongo uko babonye, tukagenda tujugunyamo uducupa tw’amazi, [...] bamwe bakanica inyoni n’izindi nyamaswa, ariko aho tumariye kwinjira muri kalabu, ntawushobora kuhanyura ajya ku ishuri ngo agende ajugunyamo imyanda. Barabidusobanuriye muri kalabu, twamaze gusobanukirwa neza akamaro ko kwita ku bidukikije.”

Mugisha Marie Solange wiga muri GS Manji mu yisumbuye, Umurenge wa Mutuntu, Akarere ka Karongi, avuga ko imyaka 2 amaze muri kalabu yo kurengera ibidukikije yamuhaye imbaraga zo kurushaho kubikunda.

Ati: “Turengera ibidukikije duhereye aha ku ishuri, dutera ibiti by’ingeri zose, bigatuma duhumeka umwuka mwiza, bikanadufasha mu masomo twiga, tukarushaho kuyatsinda.

Byanatumye dukangurira ababyeyi, abaturanyi bacu

KOMEZA KU RUP.21







Abanyeshuri bagize kalabu yibidukikije muri GS Matare, batera imboga mu buryo butangiza ubutaka

IBIKURIKIRA URUP.20

batabyumvaga akamaro ko kwita ku mashyamba, urusobe rw’ibunyabuzima n’ibindi bidukikije.”

Sibomana Alphonse wiga mu wa 6 wisumbuye muri GS Kibyagira, Umurenge wa Buruhukiro, Akarere ka Nyamagabe, ashima kuba abana batozwa kubungabunga ibidukikije.

Ati: “Aya makalabu yadufashije gusobanukirwa byimbitse ibidukikije icyo ari cyo, akamaro kabyo mu buzima bwa muntu n’ingaruka mbi zo kubyangiza. Yatumye dutera ibiti ku mashuri, tubungabunga ubutaka.

Ubu turi inshuti nyanshuti z’ibidukikije n’umuturanyi nyawe wa Pariki y’Igihugu ya Nyungwe.”

Nsengiyumva Boniface, umubyeyi urerera muri GS Gatare, Akarere ka Rusizi, yagize ati: “Turashimira cyane Leta ikundisha abana ibidukikije bakiri bato kuko n’uku kwangirika kwabyo bitewe n’ibikorwa bya muntu, iyo twigishwa tukiri abana ingaruka mbi zo kwangiza ikirere, ntituba tugerwaho na zo.’

Dufite icyizere mu bana bacu babyigishirizwa mu mashuri, batabyigishirizwa amanota gusa, ahubwo babyigishirizwa kubibyaza umusaruro.”

Umuyobozi wa GS Manji mu Karere ka Karongi, Ayingeneye Samuel Seth, uvuga ko amakalabu nk’aya agejejwe mu mashuri yose, hari byinshi byahinduka.

Ati: “Iyi mihindagurikire y’ibihe tubona ntiyabaho, ubutaka bwabungabungwa bugatanga umusaruro, abantu banywa amazi meza bikabarinda indwara zituruka ku mazi mabi, bahumeka umwuka mwiza, n’ibindi byinshi byiza byagera ku muntu n’ibimukikije.”

Umuyobozi w’ishami rishinzwe guhuza Pariki y’Igihugu ya Nyungwe n’abaturage Ntihemuka Pierre, avuga ko iyi Pariki ishyira imbaraga nyinshi mu gukundisha abana bo mu mashuri ibidukikije, bajya mu ma kalabu yo kubungabunga ibidukikije bakanabatembereza muri Pariki.

Ati: “Ni bo bazaba bigisha abandi kuyitaho mu minsi iri imbere ubwo twe tuzaba tuvamo. Bagomba kuyisobanukirwa neza bakiri bato, bakamenya akamaro k’ibidukikije, bakabibungabunga.”

Ashimira ubuyobozi bw’amashuri iyi pariki ibarizwamo ingufu bushyira mu kuyikundisha abana.

Ati: “Aya makalabu yagize akamaro cyane kuko kuva yakwirakwizwa muri aya mashuri nta munyeshuri turafatira mu bikorwa byangiza pariki kandi mbere twarabafataga. Tubatezeho gukangura ababyeyi babo bakigaragara muri ba rushimusi, abayitwika, n’abayangiza mu bundi buryo kubireka. Twizera ko bizagabanyuka cyane.”

Pariki y’Igihugu ya Nyungwe ifatiye runini urusobe rw’ibinyabuzima, yanashyizwe mu murage w’Isi.



Abanyeshuri ba GS Nkungu mu Murenge wa Nkungu bita ku mashyamba bateye

NGABOYABAHIZI Protais

# Nyabihu: Ikiraro gihuza Imirenge ya Rurembo na Shyira kibangamiye ubuhahirane

***Abaturage bo mu Mirenge ya Rurembo na Shyira mu Karere ka Nyabihu bavuga ko babangamiwe n’ikiraro kibahuza, kuko cyangiritse kandi giteye impungenge mu bihe by’imvura, bakifuza ko hubakwa ikiraro cyo mu kirere kugira ngo ubuhahirane hagati yabo bikomeze neza.***

Icyo kiraro giherereye ku mugezi wa Giciye, kikaba gikoreshwa cyane n’abaturage baturutse mu Mirenge yombi bajya mu isoko cyangwa bajya gushaka serivisi mu zindi nzego. Iyo imvura iguye cyane, amazi y’umugezi yisuka hejuru y’ikiraro, bigatuma kiba kidashoboka kwambukirwaho nk’uko Nyiramanza Patricia abivuga.

Yagize ati: “Iyo umugezi wuzuye ntitwambuka, tugomba kuzenguruka tujya kunyura mu Murenge wa Jomba kugira ngo tugere aho tugiye. Ibyo bidutwara umwanya munini, harimo n’amafaranga y’urugendo.”



Ikiraro gifite ubujyakuzimu bwa metero 10 na metero zigera kuri 20 z’uburebure

Niyonzima Jean de Dieu, we avuga ko iki kiraro kitubatswe mu buryo burambye cyazakomeza guteza impanuka, ku baturage ariko impungenge ni abana bacu mu gihe bajya ku ishuri.

Yagize ati: “Iyo amazi yuzuye muri uyu mugezi wa Giciye hano hose amazi aba yadendeje ku musozi, urabona ko ari uduti natwo hari ubwo imvura itumanukana, abana ntibajya ku ishuri. Turasaba ko cyubakwa mu buryo burambye, nk’ikiraro cy’ibyuma, cyangwa se icyo mu kirere.”

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Rurembo, Rusingiza Esron, yemeza ko ikibazo cy’iki kiraro kizwi kandi ko cyashyizwe mu byo akarere gateganya gukemura mu 2026.

Yagize ati: “Iki kibazo twaragitanze, kandi mu igenamigambi ry’umwaka utaha kiri mu bizakorwa. Biteganyijwe ko kizubakwa mu buryo bwo mu kirere, kizaba kigizwe n’ibyuma kugira ngo kirusheho kuramba no kumara impungenge abaturage.”

Abaturage bavuga ko baramutse bubakiwe ikiraro cyiza byakoroshya ubuhahirane bwabo abana bakajya ku mashuri batagowe, ndetse n’abajyana abarwayi ku bitaro ntibakomeze kuzengurukana umurwayi, kubera umugezi uba wuzuye.

Basaba ko ibikorwa nk’ibi byakomeza gushyirwamo imbaraga, cyane cyane mu bice by’icyaro aho imirimo y’ubuhinzi n’ubucuruzi bishingira ku bikorwa remezo bikomeye nk’ibiraro n’imihanda.

Imvaho Nshya Imyidagaduro

# Nyuma y'umwaka atagaragara Amalon yateguje Alubumu Nshya

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi Amalon yateguje Alubumu nshya azashyira ahagaragara mu ntangiriro z'umwaka utaha wa 2026.***

Uyu muhanzi avuga ko amaze iminsi ahugiye mu gutunganyiriza abakunzi be uwo muzingo we wa gatanu ndetse indirimbo 12 ziyigize zose zamaze gukorwa.

Ni ibyo yagarutseho ubwo yari mu kiganiro na RBA mu ijoro ryo ku wa Gatanu tariki 25 Ukwakira 2025, muri gahunda y'umutumirwa winjiza abantu mu mpera z'Icyumweru.

Yagize ati: "Nari maze umwaka urenga mpugiye mu gukora Alubumu kandi indirimbo yitwa N'Imana ni yo ya mbere igye hanze mu ziri kuri Alubumu, ubu tuvugana indirimbo 12 zirahari zikoze, kugeza ubu indirimbo ya mbere yamaze kugera hanze.

Tukaba dufite gahunda yo gushyira hanze indirimbo ya kabiri mu Ugushyingo, iya gatatu tukazayishyira hanze mu Ukuboza. Hanyuma mu kwa Mbere tugasohora izisigaye zose, muri make ndabasabye bakunzi banjye nta gahunda yo kuryama."

Amalon uhamya ko akunda kwandika ku ndirimbo zijyanye n'urukundo ndetse n'ubuzima busanzwe yanasezeranyije abakunzi be ko batazongera kumubura nk'uko bamushinjaga kubura cyane.

Ati: "Ntabwo nari narabuze cyane ni uko nari narahisemo kujya kure y'itangazamakuru cyane ariko nanyuzagamo nkashyira hanze indirimbo kugira ngo ngaragaze ko mpari, mu by'ukuri nari ndajwe ishinga na Alubumu ariko nabonye batabikunda sinzabyongera."

Amalon avuga ko yatunguwe n'uburyo abakunzi b'umuziki bakiriye indirimbo aherutse gushyira hanze yise N'Imana, bitewe n'uburyo abona yarebwe cyane mu minsi 14 imaze ku mbuga zitandukanye zicururizwaho umuziki kandi yari amaze hafi umwaka adatanga imiziki.

Uwo muhanzi ahamya ko ari kimwe mu bimenyetso by'urukundo rutajegajega Abanyarwanda bamufitiye ari nabyo avuga ko bituma abakurira ingofero kuko abagomba icyubahiro gihoraho.



**Amalon yasezeranyije abakunzi be kutaryama kuko arimo kubategurira imiziki myinshi**

Ubusanzwe Amalon yitwa Amani Bizimana, akaba yaratangiye umuziki mu 2018.

Yakoze indirimbo zitandukanye zirimo Yambi, Impanga, Byakubaho, Kontrola n'izindi kugeza ubu akaba arimo gutegura Alubumu ya gatanu nubwo yirinze kuvuga izina ryayo.



**Umuhanzi Phina wo muri Uganda yiyemeje gutera umugongo ubuhanzi akajya muri Politiki**

## Yiyemeje kuva ku rubyiniro yerekeza mu Nteko Ishinga Amategeko

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi w'Umunya-Uganda Phina Mugerwa, uzwi nka Phina Masanyalaze, yatanze impapuro zimwemerera kwiyamamaza***

ku mwanya w'Umudepite uhagarariye abagore mu Nteko Ishinga Amategeko ya Uganda mu matora azaba mu 2026 yiyemeza gusiga urubyiniro.

Ibinyamakuru bitandukanye byo muri Uganda byatangaje ko uyu muhanzikazi yatanze impapuro zimwemerera kwiyamamariza uri uwo mwanya tariki 23 Ukwakira 2025.

Nyuma yo gutanga kandidatire ye, Phina yavuze ko agiye kuba ijwi ry'abatagira kivugira, cyane cyane abagore bajya gushaka akazi mu Burengerazuba bw'Abarabu bagahurirayo n'ibibazo bitandukanye.

Yagize ati: "Abakozi bo mu rwego rutazwi barababaye. Itegeko ry'Umurimo rirengera abakozi bo mu rwego ruzwi gusa, barimo abagore bajya gushaka imikorere mu Burengerazuba bw'Abarabu. Nyamara na bo batangiye kugira uruhare rukomeye mu musaruro mbumbe w'igihugu no mu iterambere ryacyo. Tugomba kunganya urubuga."

Phina ahanganiye umwanya wo guhagararira abagore mu Nteko Ishinga Amategeko ya Uganda n'abarimo Agnes Kunihira w'ishyaka riri ku butegetsi NRM, usanzwe afite uwo mwanya mu gihe Phina we yiyamamaza nk'umukandida wigenga.

Phina azwi cyane kubera indirimbo Bampasudde na Gyobera, kandi akaba ari umuyobozi ushinzwe umuco muri Federasiyo y'abahanzi muri Uganda.

Komisiyo y'Amatora yatangaje ko igikorwa cyo kwakira kandidatire z'Abadepite kirangira kuri uyu wa Gatandatu tariki 25 Ukwakira 2025.





# Rayon Sports yatsinze Amagaju FC ikomeza ku rutonde rwa Shampiyona

**SHEMA Ivan**

***Rayon Sports yatsinze Amagaju FC y'abakinnyi 10 igitego 1-0 mu mukino w'Umunsi wa Gatanu wa Shampiyona, yuzuza intsinzi ya kabiri yikurikiranya ku nshuro ya mbere muri uyu mwaka w'imikino.***

Uyu mukino wabaye ku mugoroba wo ku wa Gatanu, tariki ya 24 Ukwakira 2025, kuri Kigali Pele Stadium.

Umukino wari gutangira saa kumi n'ebyiri n'igice watangiye saa moya kubera imvura yaguye i Nyamirambo.

Mbere y'uko uyu mukino utangira, Aziz Bassane, witwaye neza mu mikino y'umunsi wa kane, yahawe igihembo cy'ibihumbi 200 Frw nk'uwahize abandi muri icyo cyumweru.

Rayon Sports yatangiye neza umukino yiharira cyane umupira binyuze ku mipira y'imiterakano ariko ntiyiyibyaze umusaruro.

Ku munota wa 22, myugariro w'Amagaju FC, Rwema Amza yeretswe ikarita y'umutuku ku ikosa yakoreye Aziz Bassane inyuma gato y'urubuga rw'amahina.

Ku munota wa 32, Amagaju FC yabonye uburyo bwayo bwa mbere bwashoboraga kugira icyo butanga muri uyu mukino ku mupira Daniel Uwizeyimana yahinduye, Desire Iradukunda ananirwa kuwukoraho arebana n'umunyezamu Ndzila, uca hagati yabo urarenga.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

Mu igice cya kabiri Rayon Sports yagarukanye imbaraga bidatinze ku munota wa 48 yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Habimana Yves ku mupira wakuweho nabi na myugariro w'Amagaju FC ahita awushyira mu izamu.

Ku munota wa 57, Habimana Yves yananiwe gutsindira Rayon Sports igitego cya kabiri ku mupira wari wagaruwe nabi n'umunyezamu Henock, awushyira hanze.

Ku munota wa 60, Rayon Sports yakoze impinduka Musore Prince na Niyonzima Olivier 'Seif' basimburwa na Harerimana Abdelaziz na Sindi Paul Jesus.

Izi mpinduka zafashije Rayon Sports gukomeza gusatira ishaka igitego cya kabiri ariko ubwugarizi n'umunyezamu w'Amagaju FC bakomeza guhagarara neza.

Ku munota wa 87, Harerimana yahaye umupira mwiza Adama Bagayogo mu rubuga rw'amahina, ateye ishoti rikuwemo n'umunyezamu Henock w'Amagaju FC.

Umukino warangiye Rayon Sports yatsinze Amagaju FC igitego 1-0, yuzuza itsinzi ya kabiri yikurikiranya ku nshuro ya mbere muri uyu mwaka w'imikino.




**Abakinnyi ba Rayon Sports bishimira igitego**

Gikundiro yagize amanota 10 ifata umwanya wa kabiri mu mikino itanu, irushwa amanota abiri na Police FC imaze gukina imikino ine.

Naho Amagaju FC yagumye ku mwanya wa 13 n'amanota ane.

Undi mukino wabaye, Gicumbi FC yitwaye neza itsinda Amagaju FC ibitego 2-1 ifata umwanya wa gatatu muri Shampiyona n'amanota arindwi.

Indi mikino y'umunsi wa gatanu iteganyijwe ku wa Gatandatu, tariki ya 25 Ukwakira 2025

Mukura VS izakina na AS Kigali saa cyenda,

Musanze FC izahura na Rutsiro FC saa cyenda,

Etincelles FC izakina na Gorilla FC saa cyenda,

Kiyovu Sports izahura na APR FC saa cyenda,

Bugesera izakina na AS Muhanga saa cyenda.




**Habimana Yves yishimira igitego**

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-36 TARIKI 21 - 27 UKWAKIRA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR FC yahawe ikarita y'umutuku yanganyije na Kiyovu Sports



APR FC  yanganyije na Kiyovu Sports

**SHEMA Ivan**

***APR FC yahawe ikarita itukura yanganyije na Kiyovu Sports ubusa ku busa mu mukino w'umunsi wa gatanu wa shampiyona wabereye kuri Kigali Pele Stadium ku wa Gatandatu, tariki ya 25 Ukwakira 2025.***

APR FC yatangiye neza umukino yiharira iminota ibanza ndetse ikinira cyane mu kibuga cya Kiyovu Sports harimo umupira Hakim Kiwanuka yinjiranye, awuhindura wamaze kugera hanze y'ikibuga.

Ku munota wa 23, kapiteni wa kiyovu Sports Amiss Cedric yagize imvune, asimburwa na Uwineza Rene.

Ku munota wa 25, Kiyovu Sports yinjiye mu mukino itangira gusatira binyuze ku mipira yahindurwaga na Uwineza Rene ariko bagenzi be ntibabashe kubyaza umusaruro uburyo babonaga.

Kiyovu Sports mu mukino yakomeje kurusha cyane APR FC binyuze ku mipira yahindurwa ku ruhande rw'iburyo.

Ku munota wa 42, APR FC yabonye uburyo bw'igitego ku mupira wahinduwe na Niyomugabo Claude mu rubuga rw'amahina, ushyirwaho umutwe na Lamine Bah, ku bw'amahirwe make ukurwamo n'umunyezamu James.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganya 0-0.

Mu gice cya kabiri amakipe yombi yakomeje gukinira cyane mu kibuga hagati nta n'imwe irema uburyo bw'igitego.

Ku munota wa 55, Nsanzimfura Keddy yateye ishoti rikomeye ari hanze y'uburuga rw'amahina, umupira ushyirwa muri koruneri n'umunyezamu Ishimwe Jean Pierre.

Ku munota 68, umutoza wa APR FC yakoze impinduka Denis Omedi na Lamine Bah basimburwa na Mugisha Gilbert na Niyibizi Ramadhan.

Kiyovu Sports yakomeje gusatira harimo uburyo bwatewe na rutahizamu Sandja Moise Bulaya ku mupira yinjiranye mu rubuga rw'amahina, acenga Nshimiyimana Yunussu, awuteye mu izamu ushyirwa muri koruneri na Ishimwe Pierre.

Ku munota wa 81, Ronald Ssekiganda wa APR FC yahawe ikarita y'umuhondo nyuma yo gukinira nabi Rukundo Abdulrahman wa Kiyovu Sports mu kibuga hagati.

Iminota 10 ya nyuma yihariwe cyane na Kiyovu Sports nyuma y'uko APR FC yari isigaye ari abakinnyi 10 mu kibuga.

Ku munota wa 89, Nsanzimfura Keddy wa Kiyovu Sports yateye ishoti rikomeye rishyirwa muri koruneri na Ishimwe Pierre itagize icyo itanga.

Umukino warangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

APR FC yagize amanota arindwi mu mikino itatu mu gihe Kiyovu Sports yagize amanota atandatu.

Indi mIkino yabaye uyu munsi, AS Muhanga yatsinze Bugesera FC igitego 1-0, Etincelles inganya na Gorilla FC 0-0, Musanze FC inganya na Rutsiro FC igitego 1-1 naho Mukura VS yatsinze AS Kigali ibitego 2-0.

Umunsi wa Gatanu uzasozwa ku Cyumweru Marines FC yakira Police FC saa cyenda kuri Stade Umuganda.

# Kanangire Christian na Rutabingwa Fernand begukanye 'Huye Rally 2025'




Kanangire Christian wakinanaga na Rutabingwa Fernand begukanye isiganwa rya Huye Rally 2025

**SHEMA Ivan**

***Kanangire Christian wakinanaga na Rutabingwa Fernand batwaye Imodoka ya Subaru Impreza, begukanye isiganwa rya "Huye Rally 2025" ryasojwe kuri iki Cyumweru tariki ya 26 UKwakira 2025.***

Iri siganwa ryari rimaze iminsi itatu ribera mu Karere ka Huye n'aka Gisagara ryateguwe na Huye Motorsports Club ku bufatanye n'Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Umukino wo Gusiganwa mu Modoka (Rwanda Automobile Club-RAC).

Iri siganwa ngarukamwaka rigamije kwibuka no guha icyubahiro Gakwaya Claude wakinaga amasiganwa y'imodoka, witabye Imana mu 1986 azize impanuka.

Ku munsi wa nyuma w'iri siganwa, hakinwe uduce tune twakiniwe mu mihanda ya Save-Shyanda na Shyanda-Save, ku ntera y'ibilometero 40.

Kanangire Christian na Rutabingwa Fernand bari basoje uduce umunani twa mbere bari imbere ku wa Gatandatu, bongeye kwitwara neza basoza isiganwa ari aba mbere nyuma yo gukoresha isaha imwe, iminota 32 n'amasegonda 43 ku ntera y'ibilometero 139 byari bigize irushanwa.

Umwanya wa kabiri wegukanywe na Gakwaya Jean Claude na Mugabo Jean Claude bari begukanye iri rushanwa mu 2024, basizwe umunota n'amasegonda 33 naho Kalimpinya Queen na Ngabo Olivier bongera kwegukana umwanya wa gatatu basizwe iminota ine n'amasegonda atatu.

Rutabingwa Gratien na Munyaneza Irène bari batwaye Peugeot 106, basoreje ku mwanya wa kane, bakurikirwa na Hakizimana Jacques wakinanaga na Semana Ish Kevin na bo bari batwaye Peugeot 106.

Umunya-Uganda Kayira Faizal wakinanaga na Katumba Duncan begukanye umwanya wa gatandatu, Rutuku Mike na Gasarabwe Alain baba aba karindwi mu gihe Murengezi Bryan na Kevin Rusekuza babaye aba munani.

Biteganyijwe ko isiganwa rizasoza Umwaka wa 2025 ari Rallye des Milles Collines izaba mu ntangiriro z'Ukuboza.